# Ibitega Bitobotse

Jeffersonville, Indiana, USA
26 Nyakanga 1964

1 Dusenge. Mwami, noneho turizeye. Twizeye Umwana w'Imana kandi, ku bw'ibyo, twemera ubugingo buhoraho, ku Bwe. Na none twongeye guterana kuri iki gicamunsi, cyangwa se kuri uyu mugoroba, ku bw'ayandi materaniro, tukwiringiye ku bw'ubutumwa no kubwo uri butubwire kuri uyu mugoroba. Turakwizera, Mwami, kandi turagutegereje. Waravuze uti: "abategereje Uwiteka bazongererwa imbaraga zabo; bazaguruka n'amababa, nk'ikizu. Turagusabye, oh Mana, ngo uduhe izo mbaraga zizatuzamura, kuri uyu mugoroba, mu gihe tukigutegereje.

Turashimira ku bw'aba bantu, no ku bw'agaciro bafite imbere y'amaso yawe. Ndabigushimiye, Data. Ni abakunezeza. Kandi ndagusabye oh! Mana, kuri uyu mugoroba ngo ubigaragarize ukurikije ibyifuzo byabo. Niba hari abarwayi bari hano, ni bakire. Niba hariho gushidikanya mu bitekerezo by'umuntu, ubihanagure, Mwami. Kandi uduhe gusa imigisha yawe no kugaragara imbere yawe. Kubera ko tubikeneye, Mwami. Uri uduhagije nyakuri. Kandi udahari ntacyo twakwishoborerera gukora.

Turagusabye ngo wumve uko tugushimira, kuri byose wadukoreye. Mu izina rya Yesu Kristo, dutegereje imigisha yawe tutarambiwe. Amina. Mushobora kwicara.

2 Yee maze rero, uyu mugoroba w'iki cyumweru hari amafu cyane kurusha mu cyumweru gishize. Turashimira bene Data bakoze iki gikorwa cyogutuma haboneka amafu. Muri bo nzimo babiri cyangwa batatu. Mwene Data Mike Egan uwo ndeba hariya inyuma, kandi nza… Mwene Data Mike, na mwene Data Sothman, mwene Data Roy Roberson (ndatekereza), na mwene Data Wood, nabandi, baje gukora igitaraganya, bagerageza gushyiramo ibyuma kugirango tubashe kubona ubu butumwa ubu nyine cyangwa uyu munsi. None turabashimiye ku bw'ibyo.

3 Noneho ku cyumweru gitaha mu gitondo, niba Umwami abishatse, nashakaga gukora amateraniro yo gukiza indwara, yo gusengera abarwayi. Tuzabikora mu materaniro yo gukiza indwara, Imana nibishaka.

Uyu munsi nitegereje mbona ko hari ipaki y'udutambaro hano. Nadusengeye. Igihe mwasengaga muririrmba nibwo nasengeye udutambaro; none hano hari utundi hano kuri uyu mugoroba. Noneho, twitwizera ko Imana ikiza abarwayi. Hari ubuhamya bwinshi bwababakize indwara hagati yacu ndetse nahandi ku isi, kandi turabishimira Imana.

Nuko naratekereje, mbona ko mu cyumweru gitaha ntazaba mpari ku bw'akanya gato, kandi ko twibanze cyane ku nyigisho z'ubutumwa, nuko aho mbona ko byaba byiza dukoze amateraniro yo gukiza indwara, yo gusengera abarwayi. Kandi dufite ibyiringiro ko Imana izaduha ibihe bihebuje.

4 Noneho, benshi muri mwe mwakoze urugendo rw'ibirometero byinshi mu modoka kuri uyu mugoroba. Na-naganiraga n'amatsinda y'abantu, mu nzu yitwa Brue boar uyu munsi, ari naho nafatiye ifunguro ryanjye rya saa sita. Abantu beza cyane, nagize amahirwe yo kubaramutsa mbaha ikiganza ndetse no kuganira nabo, abantu ntari narigeze kumenya baza hano ku rusengero. Ndashimira incuti nk'izo, kandi ndashaka gushimira buri wese ntavanguye. Beshi basoromye imbuto maze barazituzanira. Kandi hari nuwatuzaniye indobo y'isabune, ndatekereza ko ari ibyo kandi-kandi nibindi bintu binyuranye. Ntabwo muzi ukuntu binkora k'umutima. Kandi, mu gitondo, iyo nsohotse mu nzu, rimwe na rimwe ba…

5 Mu kindi gitondo, hari mwene Data aho, wari uri mu mibabaro, nta myambaro yari afite nta kintu nabusa yagiraga, yashakaga uko njya kumushakira imyambaro. Mu gusohoka, nahise ntungurwa nindobo y'imbuto yari iri aho. Ndavuga nti: "mwazanye izi mbuto?"

Aravuga ati: "oya, ntaho mpuriye nabyo. Nari ndi hano mbere yuko bwira, kandi we yari yamaze kuhagera." Kandi yari muramu wanjye Rudbell wari wazinzaniye. Kandi, noneho ibyo bintu, muby'ukuri, narabikunze.

Billy Paul amaze kumbwira mu kanya gashize ko baturishije kuri uyu mugoroba, kuri njye nandabashimiye.sinifuzaga ko mubikora. Nezezwa cyane nukwitanga kwanyu, nibindi, ariko ntibyari ngombwa. Kandi, Imana ibahe umugisha. Murabizi, Bibiriya iravuga ngo: "ibyo mukora byose mubikoreye aba bana bato ni njye muba mubikoreye."

6 Ubushize nababwiye neza ubutumwa. Kandi na… abantu bamwe bashoboraga kubona ko-ko ntekereza ko Yesu azaza ejo mugitondo cyangwa kuri uyu mugoroba mugoroba. Mu byukuri, ndabitekereza. Ubwo rero, simvuze ko ariko Azabigenza. Kandi, nanone aho bishoboka ko ataza mbere y'icyumweru gitaha, wenda akazaza mu mwaka utaha, bishoboka kuba ari no mu myaka icumi. Sinzi azaza ryari. Ariko hariho ikintu nshaka ko…mubika buri munsi mu mitwe yanyu: ni mwitegure, buri munota, buri saha. Murareba? Noneho, nataza uyu munsi, wenda azaba ahari ejo. None rero, ibyo mu bika mu mitwe nuko: azaza.

Sinzi isaha yanjye ya nyuma kuri iyi si; nta n'umwe muri twe uyizi. Kandi nta n'umwe muri twe uzi igihe azagarukira. Nawe ubwe ntabwo akizi, nkuko abyivugira mu magambo ye;yavuze ko: "Data we

ubwe niwe uzi igihe azazira, Umwana wenyine ntabwo yamenya igihe azazira". Kizaba azi igihe Imana izongera kumutwohererereza. Ariko dutegereje ukuza kwe. Kandi nataza muri ibi bihe byanjye azaza mu bikurikira; nataza no muri ibyo ubwo azaza mu bizakurikiraho. Ariko, njye, uko mbibona, nta gihe na mba gisigaye. Mu by'ukuri, nda… ku cyanjye giti, bishobora kubaho umunota ku wundi. Nyamara ntibishatse kuvuga…ntabwo ari ibyo nshaka kuvuga… rero, ntibishaka kuvuga ko mugiye kubona ijuru rihindutse ukundi, kandi byose… ntabwo ari iby'uko kuza ndi kuvuga. Ndavuga izamurwa.

7 Murareba, afite ukuza gutatu. Yaje mu Mazina atatu y'Umwana. Yaje mu butatu: Data, Umwana, Umwuka Wera. Murareba, ibyo byose, ni Kristo umwe, ya Mana, ibihe byose. Noneho, tuzi ko yaje gukora imirimo ibiri y'ubuntu: ukubarwaho gukiranuka, ukwezwa, umubatizo w'Umwuka Wera. Byoze, mu Mana bisohora ugutatu.

Nuko, yaje ubwa mbere, kugira ngo acungure umugeni we. Aza ubwa kabiri, ku bw'izamurwa, kubwo kuzamura umugeni we. Aza ubwa gatatu, ari hamwe n'umugeni We, Umwami hamwe n'Umwamikazi, hanyuma, kandi icyo nicyo gihe abantu bategereje, uko kuza. Ariko noneho, ubwo azaza, nta n'umwe keretse abazaba biteguye nibo bazabimenya igihe azaba aje. Ntabantu bazaba bahari, ni ibyo. Ntibazamenya ibizaba bibabayeho. Gusa bazazamurwa mu kanya nkako guhumbya, kandi bazabura, ni ibyo. "bahindurwe, mu kanya gato nkako guhumbya." Nuko rero mwicare mubyiteguye. Bizaba biteye ubwoba, igitondo kimwe, ubuze uwo wakundaga atagihari, akaba nta ushobora kubabona. Bizaba biteye agahinda, sibyo? Kumenya ibyabaye wowe ukaba wasigaye. None rero ni mugume mushikamye imbere y'Imana.

8 Noneho, mu cyumweru gitaha, niba Imana ibishatse, kuwa mbere utaha, uwambere w'icyumweru gitaha, niba Imana ibishaka, nzasubiza umuryango muri Arizona, aho bazajya ku ishuri, hanyuma nza-nzagaruka.

Nyamara, sinzajyayo… sinzakorerayo amateraniro. Si nkunda kugera muri Arizona. Nagiye ahandi. Nzasubizayo umugore wanjye, noneho kuwa mbere mu gitondo, mpite ngaruka. Nzonngera kugaragara muri Arizona mu bihe bya Noheri, nabwo igihe gito, gihagije ku… wenda ni nk'iminsi ibiri cyangwa itatu, kubwo gukusanya umuryango ngo uze mu biruhuko bya Noheri hano, Imana nibishaka, nzakorera hano ibiterane byinshi mu cyumweru gitangira umwaka mushya.

9 None rero, hano ndi mpafite igihe, ndi hano incuro icumi gusumbya hariya, kuberako hariya tutahafite urusengero nta namateraniro, nta kintu tuhagira, none rero, kubijyanye n'amateraniro ku nsengero. Ni ikintu kibabaje. Nta hantu hahari aho nakohereza abana banjye ngo bumve ubu butumwa nk'uko abana banyu babwumva hano, kandi-kandi rero, ni ikintu tubura ahongaho. Ariko bose bamerewe neza. Harakayutse, harashyushye, gukayuka by'ibihe, ariko abana bose bamerewe neza n'ubuzima buzira umuze. Njyewe, si mpatinda cyane ngo mbe namenya niba ikirere cyaho ari cyiza cyangwa se Atari cyiza. Iteka mba-mba njyenda, nda-nda-ndatekereza ko kuva nkivuka namwe ndi umuntu utaguma hamwe.

Umugore wanjye arampamagaye… nziko ari hano, kandi ndashaka kumva bivugwaho nyuma y'amateraniro, murabishidikanyaho mwese. Ese babyita gute, imiyaga igenda, cyangwa imiyaga yizunguza, cyangwase iki-n' iki, murabizi, imicanga itaguma hamwe? Cyangwa, mu yindi mvugo, iteka mpora ngenda. Ubu hashize imyaka makumyabiri n'ibiri nubatse urugo, kandi nyamara hari igihe mbona ndi nk'umunyamahanga mu rugo, kuko iteka mba mpatiwe kwigendera. Ariko ntegereje igihe tuzaba tugeze mu Gihugu, umunsi umwe. Ariko kuri ubu, intambara irakomeje, noneho tugume mu masengesho.

10 Ntiwibagirwe, ku cyumweru gitaha mu gitondo, niba Imana ibishatse, muzazane abarwayi banyu n'abandi bababaye. Muzaze kaare, mubone ibyicaro; kandi birashobokako hazaba ahari itsinda rihagije risaba gusengerwa. Tuzaba duhatiwe gutanga amakarita yo gusengerwa. Niba nta bantu bahagije bazaba bahari, ntabwo tuzatanga amakarita yo gusengerwa, niba hazaba hari bake bashoboye gukora umurongo muto, urugero ni nk'amaduzeni abiri cyangwa atatu, cyangwa se ikindi gisa n'ibyo. Ariko birashoboka ko twazatanga amakarita yo gusengerwa, kandi tukazabikora isaha imwe mbere y'amateraniro, iyihe, ndatekereza, gutangira… azaba ari saa mbiri, saa mbiri cyangwa saa mbiri n'igice, niho bazatanga amakarita yo gusengerwa; bazafungura urusengero, kubwo gutanga amakarita yo gusengerwa, kucyumweru gitaha mu gitondo. Kandi rero, muzabe muhari kubwo… muzazane n'abakundwa banyu, bajye kumurongo, -tuzagubwa neza ubutaha, mu rusengero, -niba barwaye, kandi tuzakora ibishoboka byose tubasengere.

Na none murakoze kubw'ituro ry'urukundo.

11 Noneho tugiye gusoma mu ijambo ry'Imana kuri uyu mugoroba, no kwitegura icyo gikorwa, kongera kugaragara kwayo kubwo kutuzanira Ijambo ryayo. Nuko, tuzi ko gushora gusoma ibyanditswe, ariko Imana niyo igomba kuzana uguhishurirwa kwabyo. Murareba? Dushobora gufata ibyanditswe, ariko Imana niyo itanga guhishurirwa kwabyo, noneho mugihe mukirambura mu gitabo cya Yeremiya, mu gice cya 2.

Nifuzaga kuvuga ko nejejwe no kuba dufite mwene Data Vayle hamwe na twe, mwene Data uhebuje

mu Mwami wacu. Kandi ndatekereza ko hano hari, mwene Data John ndetse nabandi, bo nu ntara ya Poplar Bluff, na mwene Data Brair. Kandi, oh, mwene Data Jackson, na mwene Data Ruddell kandi hari benshi mu by'ukuri ntashobora… nakwifuza kubavuga mu mazina mwese, ariko simbishoboye, kandi murabyumva. Mwene Data ben bryant, nawe ndamubona yicaye hano; mu bisanzwe, niwe ukunda kunyikirizaho amina, iyo ndi… mwese muzi neza ijwi rye. Yego.

12 Twa… umunsi umwe, i kariforuniya, nabwirizaga ubutumwa ku babatisita, mu kibaya. Hari hari ihema rinini aho ngaho, hamwe na benshi biyubashye bababatisita. Si nashoboraga kumva na "Amina" nimwe mu mpande zose; murabizi, abagore bamwe na bamwe, bafite ubwoba ko babacira mu maso. Nuko muri ako kanya, nabonye ibirenge binini mu kirere nka gutya, n'ibiganza bibili binini, hamwe n'imisatsi yirabura yizunguzaga, ataka cyane ati: "Amina" yaratakaga nk'uko. Narebye hepfo, ndavuga nti: "Ben, urihe?" mu by'ukuri yari yagiye gushaka "Amina" ye.

Ndabona umugore we amutekerezaho gato. Nuko, yatakajeho imwe mu misatsi ye yirabura, ariko ntacyo bitwaye, murabizi. Ntimugire ikibazo ku bw'ibyo. Najye natakaje iyanjye, hashize igihe kirekire. Noneho, ntimwibagirwe gusenga.

13 Noneho, ubwo twegereje igice gikomeye cy'amateraniro, mwibuke, niba dusoma iri Jambo, Imana izaha umugisha ijambo ryayo. "ntabwo rizagenda ubusa, ahubwo rizasohoza imigambi yayo." Kandi nzi ko mu gusoma Ijambo ryayo, iteka nzaguma mu kuri. Ninsoma Ijambo ryayo, Imana izubahisha Ijambo ryayo.

Noneho duhaguruke kubwo kubaha Ijambo ryayo. Yeremiya igice cya 2 umurongo wa 12 nuwa 13 byo muri Yeremiya 2.

Wumirwe kubwibyo wa juru we, ufatwe n'ubwoba bukabije wihebe cyane. Niko uwiteka avuga. Kuko abantu banjye bakoze ibyaha bibili: baranyimuye kandi ari njye soko y'amazi y'ubugingo, kandi bikorogoshoreye ibitega mu rutare, ndetse n'ibitega bitobotse bi-bitabasha gukomeza amazi.

Noneho twunamishe umutwe.

14 Mana dukunda, Ijambo ryawe rimaze gusomwa. Turagusabye ngo wubahishe iri Jambo, kandi uridukurire mu migani, uduhe insobanuro zaryo, mu gihe tureba mu bihe byashize, ku bisirayeli, babaye intangarugero, rero Bibiliya itwigisha uko wabafashe igihe bubahaga Ijambo ryawe, kandi bikatwereka natwe icyo tugomba gukora. Noneho turagusabye ngo utuganirize mu buryo budasanzwe ku mugoroba w'uyu munsi, kugira ngo tumenye uko tugomba kwitwara muri iyi minsi twigishijwemo mu gitondo ko ariyo tuzabamo. Kuko tubisabye mu Izina rya Yesu. Amina. Dushobora kwicara.

15 Nifuzaga kuganira ku mutwe w'inyigisho kuri uyu mugoroba, mu gihe cy'akanya gato: "Ibitega bitobotse."

Isirayeli yari yarakoze ibyaha bibiri. Imana yavuze ko yari yarabaretse, Yo, soko y'ubugingo, kandi ko bicukuriye ibitega, kugirango banyweremo. Nyamara ni ikintu…

Impamvu yanteye gutekereza kuri uwo mutwe w'inyigisho, ni uko unjyanye n'ibyo navugaga mu gitondo, ku bijyanye n'igihe turimo, n'impamvu ituma duhirimbana.

16 Kandi turabona isirayeri, yo yari icyitegererezo, nkaho ariyo yari Imana, Yo igomba guhora iri ya yindi idahinduka. Kandi hari ikintu gusa kimwe rukumbi Imana yubaha, ni inzira yari yaraciriye abantu. Ariko igihe bigomekaga kuri iyo nzira, Imana yarasuzuguwe, nuko Imana inyuza abantu mu mubabaro kugira ngo bagarukire ibyo yababwiye, uko byari kuba bimeze kose. Yanabahaye itegeko: "ntimugafate, ntimugakore, ntimugasogongere." Ntabwo gusa ari uko byari bibi gukora kuri ibyo bintu, ahubwo ni uko ari bibi gusuzugura ibyo yategetse. Kandi iteka hariho, ntabwo hashobora kubaho itegeko rihana hatabayeho ibihano bijyanye niryo tegeko. Rero niba ntabihano biriho, icyo gihe itegeko nta buremere riba rifite, niba ntaguhana kujyanye naryo. Itegeko!

17 Nyamara, turabona ko ibyo bo bakoze icyo gihe bisa neza neza n'ibyo dukora uyu munsi, ibyo abantu b'itorero bakora.

Noneho turabona ikintu kidasanzwe hano. Abantu bamwe bashora kubona ko ari ibidasanzwe kuba haravuzwe ngo: "mwebwe muri…bicukuriye ibitega, ibitega bitobotse."ubwo, wenda birashoboka ko bamwe murimwe batazi igitega icyo ari cyo. Ni bangahe bazi neza igitega? Rero, ni benshi muri mwe. Niba mwarakuriye aho bororera inka, muzi igitega icyo ari cyo. Ndacyibuka, nanyoye ibisimba byinshi byazagamo, kubwo gusobanukirwa neza igitega icyo ari cyo. Nabwirije mu biturage iyo kure, aho, mu rwuri, hari hari ikibumbiro cyuzuye amazi yo mu gitega giteretse aho, amazi yimvura, murabizi, kandi cyari gikuze, nk'uko. Nuko nijoro wasangagamo udusimba tw'inigwahabiri, mbese nsobanukiwe neza n'amazi yo mugitega.

18 I-igitega, ni ahantu, ni ikintu bacukura mu butaka gisimbura icyobo. Abantu batagira ibyobo, bakoresha igitega. Mu bundi buryo, igitega, ni ububiko bw'amazi bwakozwe n'amaboko y'abana b'abantu,

umuntu acukura mu butaka kugirango afate amazi, yo kuza gukoresha. Bamwe bazayakoresha nk'amazi yo gukaraba, abandi bazayakoresha nk'amazi meza, abandi nabo wenda muburyo butari bumwe.

Kera, ibihe bimwe amazi yose twagiraga yabaga ari ayo mu gitega. Hari ikintu kiyazamura twazunguzaga, tukazunguza, tukazunguza, tuzunguza, kugirango amazi azamuke tuyavome mu gitega.

Noneho, hari icyo tubona kubijyanye n'igitega, kigitandukanya n'icyobo, rero igitega, mugihe gito wasangaga cyumye. i-i-igitega ntigishobora kwiyuzuza ubwacyo. Cyo ni-ni…biragoye kugikoramo. Ntiwabasha kwikorera mu gitega. Ahubwo kigomba gutegereza imvura ngo igwe mu gihe cy'itumba n'urugaryi nkuko bimeze mu…. Ibisanzwe ni mugihe cy'itumba iyo hari urubura n'imvura, niyo izana imvura mu gitega. Kandi iyo kidateze ayo mazi, ubwo rero ntabwo mushobora kuba mukiyabonye. Ni ibyo niko bimeze… harumagara. Ntigishobora kwiyuzuza. Icyo gitega ntigishobora kwiyuzuza ubwacyo. Ahubwo cyuzuzwa n'amazi y'imvura akimenekamo.

19 Kandi hari ikindi nashakaga kubereka ku bijyanye n'igitega. Ubusanzwe niko tubibona hano iwacu, igitega…ubusanzwe, aho giterekwa ni hagari haruta inzu inshuro ebyiri, nuko nkuko bisanzwe, bavanaga amazi mu gitega bakayazana, bayamanura. Ndacyibuka neza igitega gikuze, aho ngaho, iyo twabaga… iyo ibitembo bitembamo amazi byayamanuriragamo, kandi yanamanukaga aho bayubakiye. Ayamanukiragamo niyo yacyuzuzaga. Kandi, rero, amazi yavaga aho yubakiwe agashoka ku gisenge, agasakumba ibisimba byose n'imyanda agasiga, akahasiga humutse. Hanyuma amazi amaze gukukumba ibyo byose akabimanurira mu kintu cyakozwe n'amaboko y'abana babantu, kandi aho ni muri cya gitega cyakozwe namaboko y'abana babantu. Mudasigaranye iyo mufite igitega. Yego mugenzi! Ibyo byose ni ibyakozwe namaboko yabana babantu, kandi byanduye muburyo bushoboka.

20 Murabizi, kera, twitaga… twari dufite ikintu cyakoreshwaga nk'akayungiro ku gitega. Ese icyo kintu mwari mukizi? Byasabaga gushyiraho ikintu cyifashishwa nk'akayungiro, kugirango gafate udukoko twose n'indi myanda iturutse ku gisenge cy'ikibandahori n'ahandi aho hose, hanyuma bikanyura hano byinjya kw'iroha mu gitega. Ubwo rero twashyiragaho ikintu cyifashishwa nk'akayungiro, kugirango gafate imyanda n'ibindi bishoboka. Yego koko, nticyafatage umwanda nyirizina, cyafatage gusa ibintu binini byashoboraga guhanukiramo. Agasimba kashoboraga kugwaamo, ariko ururenda rwako, rwo rwakomezaga guhita rumanuka, hamwe n'amazi. Noneho, ugasanga umufite umwanda gusa gusa iyomwabaga mutunze igitega gishaje.

21 Mu minsi mike, iyo barekeyemo amazi ahinduka amazi adatemba. Iyo barekeye amazi mu gitega, agumamo nkamazi adatemba. Kandi akuzuramo ibikeri, imiserebanya, n'inzoka. Twe twabyitaga "imihini", mito cyane… sinzi niba… atari mikorobo, ni…simbashije kubimenya, sinzi uko mwabyita. Ariko ni ibintu biba mu mazi, bita imihini. Ngirango murabizi. Ni bangahe bazi ibyo ndimo kuvuga? Oh, ariko, muby'ukuri, mwebwe, ababa mugiturage murabisobanukiwe mwese. Ukureka kw'amazi kugumamo mw'imbere, maze ibikururwa n'amazi adatemba bikazana nayo. Nuko ukureka kw'amazi niko gutuma byiberamo. Ni ukubera ukureka kwamazi niko gukurura ibisimba byikundira imyanda iba mu mazi adatemba.

22 Mu byukuri ibyo bisa cyane n'insengero zacu mu minsi ya none. Ndatekereza ko twaretse… Kimwe mubyaha bikomeye itorero ryakoze mu minsi ya none, neza neza nkuko isirayeri yabigenje mu bihe bya kera, baramuretse, We, soko y'amazi y'ubugingo, kandi bicukurira ibitega byakozwe n'amaboko y'abana babantu. Kandi ibi cyahindutse ubuturo bw'abakunda bene ayo mazi. Imiserebanya, ibikeri nibindi byose by'umwanda byiberamo, kuko ari ibitega byakozwe n'amaboko y'abana babantu. Kandi ibyo binti bituye muri ibyo bitega, uru ni urugero nyakuri rw'amadini y'iki gihe.

"Noneho" muravuga muti: "Mwene Data Branham kubera iki uvuga cyane kuri bariya bantu kumugaragaro?" byari kuvugwaho. Ni ngombwa kubivugaho. Muhunge icyo kintu, kuko bizarangira gikoze ikimenyetso cy'inyamaswa. Ni mwibuke, ni ukuri! Kizaba ari ikimenyetso cy'inyamaswa. Idini riyobora neza neza kuri cyo. Ni mu nzira yo kukiganaho, noneho, wakwanga wakunda, kubw'imbaraga.

23 Mwitegereze ubwami bwa kera bw'abaroma. Ngicyo muby'ukuri icyabayoboye kuri cya kimenyetso cy'ikizira. Mwabonye ko ntawashoboraga kugura cyangwa gutunda, adafite ikimenyetso cy'iyo nyamaswa. Byari ngombwa kuba ugifite.

Hazaba hariho ibice bibili by'abantu kw'isi: abazaba bafite ikimenyetsso cy'Imana, n'abazaba bafite ikimenyetso cy'inyamaswa. Ibice bibili gusa, nuko rero ugomba kuba ufite kimwe muri ibyo. Kizaba ari ikizira, ikimenyetso cy'iyobokamana, iyobokamana ry'ikizira.

Hazababaho ikimenyetso cy'inyamaswa. Mu kubyigaho, turabona ko Roma yahoze ari kandi izahora ari ikimeny… cyangwa, inyamaswa. Ni ukuri. Nta bundi buryo bwo ku byumva. Roma!

Kandi se ni iki roma yakoze? yavuye kuri Roma ya gipagani ijya kuri Roma y'ubupapa, nuko maze ishyiraho uburyo bw'imikorere busakaye hose ku isi aho bose bahatwaga kwinjira muri iryo yobokamana ryayo, bitaba ibyo bakicwa.

24 Kandi biratangaje kubona Leta Zunze Ubumwe za Amerika zinjiramo, kandi bameze nk'Umwana

w'intama. Kandi ni Umwana w'intama ufite amahembe abiri: amategeko arengera ikiremwa muntu n'amategeko y'idini. Kandi mu kanya gato, mu gihe hariho umwana w'intama, nanone turabona ko yavugaga nk'ikiyoka, kandi ko yakoreshaga ububasha yari yarahawe mbere ye n'ikiyoka. Kandi Bibiliya itubwira ko bavugaga bati: "Mureke dukore igishushanyo cy'inyamaswa." Igishushanyo, aba ari ikintu gisa n'ikindi kintu. Kandi dushobora kubibona nonaha, ko itorero mu kuba ikizira kwaryo, ririmo gukora impuzamadini hose ku isi, aricyo gishushaanyo cy'ububasha bwa Roma y'ubupapa; izashyira ku bantu ububasha nk'ubwo yakoresheje kuri Roma ya gipagani…cyangwa nk'ubwo Roma ya gipapa yakoresheje. Nuko rero nta bundi buryo, ntabwo, nyamara ni ukuri.

Niyo mpammvu mbivugaho njyenyine, mu myaka yanjye, mu gihe cyanjye, niyo mpamvu ari ngombwa kubivugaho. Habayeho uguhamagara, "muyisohokemo, bwoko bwanjye, kugirango mudasangira nayo icyaha!"

25 Rero ibyo mbigereranya n'ibitega byanduye, bifite umwanda. "Niwe soko y'ubugingo. Niwe mazi y'ubugingo." Kandi abantu bamujya kure, kugirango bicukurire ibitega bidatega ikindi uretse umwanda gusa. Niwo wonyine bishobora gutega gusa. Kandi nicyo amadini ashobora gukora: bakira buri wese uje kandi ushobora kubabera umunyamuryango. Biteguye kumwemera, icyangombwa ni uko agomba kuba afite amafranga, cyangwa se yambara mu buryo budasanzwe. Uko yaba ari kose, naho yaba yaraturutse, barayemera ibyo aribyo byose.

26 Noneho, turabona ko kandi, iki kimenyetso cy'inyamaswa cyakozwe hano… amerika, umubare wayo ni cumi na gatatu. Yatangiranye ibihugu cumi na bitatu byayikolonije. Yari ifite ibendera ririho inyenyeri cumi n'eshatu. Kandi inagaragara mu gice cya cumi na gatatu cy'ibyahishuwe. Kandi muri amerika, ibiceri by'ifaranga biriho ishusho y'umugore. Ndetse n'igihanga cy'umuhindekazi ku biceri byacu by'ijana, ni igishushanyo cy'umugore. Turabizi, ibyo tuzi amateka yabyo. Byose, inzogera y'ukwibohora, ndetse n'ibindi bisigaye, ukwibohora… igishushanyo cy'ukwibihora, byose, ni umugore. Umugore; umubare cumi na gatatu. Murareba? Nyamara, ni byiza ibyo bintu kubirebesha amaso.

27 Noneho, nabanje kuvuga ko, binyuze muguhishurirwa, cyangwa se iyerekwa, muw'1933 ko hari ibintu birindwi byari kubanza kubaho mbere y'igihe cyanyuma. Kandi, kimwe muri byo, aho, cyari ko "Musolini" wo mu bihe byo hambere yashakaga gukomeza ubutegetsi bw'igitugu. Kandi ko yari aagiye no kwigarurira Etiyopiya, yari kujyayo, kandi yari kwigarurira Etiyopiya. Kandi Umwuka, aravuga ati: "azagwa, azaneshwa."

Ndibaza niba hari ingabo zavuye ku rugerero zigisigaye hano mu rusengero, zibuka ko nari narabivuze, mu cyumba cya Redman, aho, aho babwiririzaga, hashize imyaka itari mike. Nta muntu numwe uri hano muri iki cyumba waba warasigaye mu bari bari yo icyo gihe, ku cyumba cya Redman, igihe nabibwirizagaho, igihe habagaho N.R.A., hashize igihe, mu bihe Roosevelt yayoboragamo manda ye yambere? Nta muntu numwe hano, niko ntekereza. Yaba ahari? Yego, yego, umuntu umwe, hari umwe. Yego, madame Wilson, ndamwibuka. Umugore wanjye, wicaye hariya inyuma. Hasigaye babili mu bari bahari bo mu bihe byo hambere. Igihe bavugaga ngo N.R.A., icyo gihe, ngo cyari ikimenyetso cy'inyamaswa, narababwiye nti: "reka da ntaho bihuriye na busa. Ikimenyetso cy'inyamaswa ntigituruka hano. Gituruka i Roma. Ntibishoboka ko kiba ikimenyetso cy'inyamaswa."

28 Kandi noneho, mwibuke ko ibyo bintu byavuzweho. Navuze ko: "Adolf Hitler azagira iherezo ritazwi. Ko azashoza intambara kuri Leta zunze Ubumwe za Amerika. Ko baziyubakira ubuvumo muri beto, ndetse ko bazaturamo. Aho niho abanyamerika bazagira isibaniro" aho ni mu gice cya Siegfried, imyaka cumi numwe mbere yuko batangira kubaka. Kandi navuze ko: "Ariko azagera ku iherezo rye; kandi Leta zunze Ubumwe za Amerika zizatsinda urugamba."

Hanyuma ndavuga nti: "hari imigenzo itatu, iy'Abanazi, iy'Abafasi, niy'Aba komonisiti." Kandi ndavuga nti: "byose bizarangira bibaye igikomonisiti. Uburusiya buzabifata byose bubishyire mu gikomonisiti."

Kandi ndavuga nti: "hanyuma, ubumenyi buziyongera cyane, umuntu azagira ubuhanga bukabije, azahimba ibintu byinshi cyane, kuburyo bizarangira akoze imodoka yenda kumera nk'igi, kandi hejuru hayo ari ibirahuri, kandi ikazatwarwa n'izindi mbaraga zitari iza diregisiyo. Kandi barayifite iyo vatiri.

29 Kandi ndavuga nti: "hanyuma icyubahiro cy'abagore b'inaha iwacu kizagenda gitakara, bazatangira gukora ibiteye isoni kuburyo bazata agaciro mu ruhando rw'amahanga yose. Bazambara imyambaro ya kigabo. Bazakomeza kugenda iteka bambara ubusa, kugeza ubwo bazajya bagenda bambaye imyamyambaro y'imbere, gusa kumubiri wabo, ni ibyo. Bizarangira biyambariye amababi y'igiti." Kandi, niba mwitegereje, mu kinyamakuru life cyo mu kwezi gushize, harimo irya mugore wari wambaye ibibabi by'igiti. Kandi iyo yari imyambaro ye mishya yo gusohokana k'umugoroba, cyangwa se ikanzu y'ijoro, iyo bambara mu ijoro; irabonerana, ushobora kubona ubwambure uhereye inyuma, ibibabi by'igiti nibyo byonyine bishobora guhisha agace kamwe k'umubiri we; hamwe n'imyenda yo kogana, idafite amaburuteri, cyangwa se amaburuteri, idafite amaburuteri, agace ko hejuru kambika ubusa umubiri. Kandi ibyo bintu muby'ukuri byarabaye!

30 Hanyuma ndavuga nti: "nabonye umugore ahaguruka, kuri Leta zunze Ubumwe za Amerika, nk'umwamikazi ukomeye ibintu nk'ibyo. Kandi yari mwiza k'uburanga, ariko afite umutima mubi. Ayobora abene gihugu, nabo baje kwisanga bari munsi y'ububasha bwe." hanyuma ndavuga nti: "maze, arambwira ngo ninongere ndebe iburasirazuba. Kandi, icyo gihe, nabonye, umuntu yavuga ko isi yari yaturitse. Ibyari bihari, urebeye kure, byari uduce tw'ibiti, hamwe-n'ibitare byamabuye bicucumukamo umwotsi byajugunywe ku isi bitewe n'uko guturika."

Kandi muri icyo gihe, navugaga ku mikorere y'amadini. Kandi nkomeje kubyizera, kuri uyu mugoroba, ko ari indiri y'ibibi, ko ariho umwanda wirunze. Si ntekereza ko Imana yafata ikintu nk'icyo ikakigira itorero ryayo, kuko bisaba ko ribyarwa n'Umwuka w'Imana, kandi rikezwa, mbere y'uko ryitwa iryayo. Umubiri utagaragara wa Kristo, ni kubw'umubatizo tuwinjiramo, kubwumubatizo w'Umwuka Wera.

31 Yego, nibyo koko ubu buryo bw'ibitega ni urugero rwiza rw'idini. Uzi ubwenge yagombye kuba maso ntakinjireyo na rimwe, kuko Imana yagaragaje ko uhereye mu bisekuruza byose irwanya icyo kintu, kandi ntirigera ikorana naryo. Itsinda iryo ariryo ryose…iteka iyo umuntu yazaga afite ubutumwa, urugero, Luther, Wesley, nabandi; iyo batangiraga gukora idini, Imana yahitaga ibashyira kuruhande, kandi ntiba icyongeye kurigenderera mu bubyutse.

Mugenzure amateka. Imana, nta narimwe Imana yigeze ikoresha idini, kubwo kuzana ububyutse muri ryo. Nta na hamwe. Rero, uhereye mu bihe byose by'amateka, ndetse no muri Bibiriya, byagaragaye ko icyo ari ikizira mumaso y'Imana, nuko rero ntacyo njye nakorana naryo. Ninayo mpamvu mbirwanya. Ngerageza gusohoramo abantu ngo baveyo.

32 Twaratumiwe - ibyabereye mu nkambi ya isirayeri, ni kimwe, ni ukureba kuri isirayeli kugira ngo tubone ingero. Bo, igihe cyose bagumaga ku isoko, byose byagendaga neza kuri bo. Ariko kuva igihe batangiye kwicukurira ibitega, imigenzereze yakozwe n'abana babantu, kuva ubwo Imana yahise ibashyira aho. Natwe niko izatugenza. Barayiretse, Yo, soko y'ubugingo." Icyo nicyo Imana yabacyahaga. " kwikorera ikintu ubwabo kugeza ubwo babasha kuvuga bati: "Murareba ibyo twakoze!""

33 Noneho, mu gihe cy'urugendo rwa mose; mu gihe Imana , kubw'ubuntu bwayo yabahaye umuhanuzi, yabahaye inkingi y'umuriro yababanzirizaga imbere, yabigaragarije mu birangaza ndetse n'ibimenyetso. Ubuntu bwari bwarabahaye ibyo byose. Israeli, yashakaga ibyo aribyo byose, yireberaga amategeko. Banze ubuntu, bafata amategeko. Ni byo abantu bakora neza na neza uno munsi. Banga Ijambo bagafata idini kuko bashobora gukora ibyo bishakiye maze bakirwanaho n'ibyo. Ariko ntabyo wakora muri Kristo!Mugomba kuza mufite isuku kandi mukeye kugira ngo mube muri Kristo.

34 Nimuve mu iliba mufata nk'ibitega, imigenzereze ikozwe n'amaboko y'abana babantu, ese mwatekereza ko umuntu yakora ibintu nk'ibyo? Ni mutekereze ku myumvire y'umuntu unywera amazi ku isoko yabugenewe hanyuma akayareka anjya kunywera mu gitega cyakozwe n'amaboko y'abana babantu, hamwe n'ibikeri, imiserebanya, imitubu, nibindi byose birimo? Birasa n'ibidashinga, mu ruhande rumwe bikumvikana neza, ariko ibyo ni iby'abantu bakoze. Bateye Ijambo umugongo, isoko y'ukuri y'Imana ndetse n'imbaraga zayo, bajya kunywera mu bitega. Ibyo bari barakoze kera, bongeye kubikora ubu. Baravuga bati… yaravuze ati: "barandetse." Niko yavuze, hano muri Yeremiya 2.14, cyangwa 13, nako. Yaravuze ati: "barandetse, njyewe, isoko y'ubungingo."

35 Noneho turabona igitega icyo ari cyo. Turabona icyo gitega. Turabona uko cyubatswe. Ni ikintu cyakozwe n'amaboko y'abana babantu, kivuye mu gisenge cyanduye. Amazi amanuka aba avuye ku gisenge cyanduye, kandi agakukumba ibiri ku gisenge byose akabinyuza mumubirikira nawo wakozwe nabana b'abantu, mu itiyo ibimanura yakozwe n'abana babantu, ikabigeza mu gitega cyakozwe n'amaboko y'abana babantu. Kandi umwanda wose ukitekeramo, na za mikorobe, imiserebanya, bikeri, n'ibindi byose byakukumbwe, barabikunda. Kandi, ni mwwitegereze, ni ibikoko byanduye: imitubu, yo mu mazi adatemba. Umurubu ntushobora kuba mumazi abengerana. Ubikoze byawica. Ni ngombwa ko uba mu mazi adatemba.

36 Nibyo niko bimeze hamwe niyo myanda yose muri iyi minsi. Ntimushobora kubaho mu mazi meza y'Umwuka Wera. Niyo mpamvu barwanya Ijambo bivuye inyuma, kandi bakavuga bati: " Ririvuguruza. Ibyo byose ntacyo bimaze." Ni uko bibasaba ikizenga cy'amazi adatemba kugirango bivurugutemo. Ni ukuri. Kandi niko bimeze hamwe n'ibikeri, hamwe n'imiserebanya, kandi hamwe n'imitubu, ndetse n'ibindi bisa nabyo. Kugira ngo bibeho, bisaba ko byibera mu bishanga, mu byuzi by'amazi adatemba, kuko kamere yabyo, ari iyo kuba ahantu nk'aho. Kandi ntushobora guhindura inyamaswa, mu gihe cyose utarahindura kamere yayo. Kimwe nuko udashobora kuzana umuntu mu Ijambo ry'Imana, mu gihe cyose kamere ye itigeze ihinduka; kandi iyo kamere ye ihindutse, ava kucyo yari cyo akaba Umwana w'Imana, kandi Umwuka Wera akinjira muri we. Umwuka Wera yandiste Ijambo ry'Imana!

37 Uyu munsi navuganaga n'incuti yanjye nkunda, Dogiteri Lee Vayle, uri hano aka kanya. Ni umunyatewologiya wuzuye, rero ubusanzwe tugirana ibiganiro byiza kubijyanye n'ibyanditswe. Ni umunyabwenge. Igihe kimwe, yambajije icyo ntekereza ku kimenyetso ndahinduka cy'Umwuka Wera, " ese ni ukuvuga mu ndimi? Ibyo, hashize imyaka. Naravuze nti: "oya; ibyo siko mbibona."

Yaravuze ati: "nanjye ni nk'uko," arongera ati: "nyamara niko nigishijwe." Aravuga ati: " kuri wowe ni ikihe cyaba aricyo kimenyetso kiwugaragaza?"

Naravuze nti: " ikimenyetso gikwiriye nkurikije uko mbibona, ni urukundo." nuko, dutangira kubiganiraho. Hanyuma rero naje kubona ko byasaga neza nukuri, nuko mbyubakaho: "Niba umuntu afite urukundo." Ariko, umunsi umwe, Umwami, binyuriye mu iyerekwa yarankosoye. Nuko yavuze ko "ikimenyetso cy'uko umuntu afite Umwuka Wera, ni kuri babandi gusa bashobora kwakira Ijambo", si urukundo, si no kuvuga mu ndimi, ahubwo ni ukwakira Ijambo.

38 Nuko rero, dogiteri Vayle yambwiye ko " bihuye n'ibyanditswe" yaravugaga ati: kuko muri Yohana 14, Yesu yaravuze ati: "Igihe We, Umwuka Wera, azabazaho, azabahishurira ibyo nabigishije, kandi azabamenyesha n'ibizaza.'" Aho rero, ngicyo igihamya cyuko ufite umwuka wera, ni kuri wawundi ushobora kwizera ijambo; iyaba mwari mubashije kuryakira". Noneho, Yesu ntiyigeze avuga ati; igihe Umwuka Wera azazira, muzavuga mu ndimi." Ntabwo yigeze avuga ko, igihe Umwuka Wera azazira, ntacyo muzakora muri ibyo. Ahubwo yaravuze ati: azafata ibyanjye abibamenyeshe, kandi azabamenyesha n'ibizaza." Noneho, ngicyo ikimenyetso cy'ukuri cy'umwuka wera, nkuko Yesu ubwe abivuga.

39 Rero, ibyo byiyumvayumvo byose ibyo abantu bafite ndetse nibyo bakomeza kwigaburira, mushobora kubona impamvu babikora. Murareba, ibyo bihinduka idini, cyangwa se icyuzi cy'amazi adatemba, kansi nta dini narimwe rizigera ryubana ku… kuijambo ry'Imana ritunganye. Ntibishoboka, kuko Imana udashobora kuyikorera idini, cyangwa, idini. Oya mugenzi!

Dore impamvu yabyo: fata itsinda ry'abantu bashobora kwizera Ijambo; hanyuma bakore idini. Mu kanya gato, nko mu gihe cy'umwaka, uzasangamo imyuka ya Ricky iyo udashobora kumvisha ukuri. Niyo iganza, kandi nta kindi wayikoraho. Ntabwo iyo ari imigenzereze y'Imana. Oya, rero tuzi ko icyo kintu, kiri hanze y'ibikenewe. Bibaye igitega, bihindutse ahantu buri wese akorera ubugambanyi, kuri iyi ngingo, ibyo cyangwa ibindi, kugirango babashe gukomeza abayoboke, cyangwa se kubira ngo abantu babashe kwinjiramo.

40 Turabona ko iyo migenzereze yatangiye, bikaza kugeza aha. Mu gihe cya isirayeri, igihe bacukuraga ibitega. Hariho umuntu n'itsinda ry'abafarisayo bari baracukuye ibitega. Hariho umuntu witwaga Herode, watangaga itegeko, wayoboraga igihugu. Kandi aza gutega amatwi umuntu utaratakazaga igihe cye ku madini yabo. Yari umuhanuzi. Kandi nta muhanuzi n'umwe wigeze agirana isano n'idini, ahubwo, yarayangaga. Uwo muhanuzi atangira kuvuga ngo: "ntimutangire kwibaza mu mitima yanyu ngo: ' Dufite Aburahamu nka sokuruza, kuko ndababwira ukuri ko no muri aya mabuye Imana ishobora guhagurutsamo abana ba Aburahamu."

Bari bazanye umuyobozi ukomeye kugira ngo aze kumwumva. Kandi uwo muyobozi yari yaratwaye umugore wa mwene se kandi ni iki uyumugabo yaje kubimubwira imbona nkubone? Bibwiraga ko yari kugambana, kandi ko yari kuvuga ati: "Tugende, mugenzi, nimwicare rero mu mwanya mwiza,hano. Kandi mwagombaga… ndanezerewe cyane kuba mwaje kunyumva uyu munsi." Yohana yagiye kumureba, maze aramubwira imbonankubone: "Ntabwo wemerewe kumugira." Ikintu cya mbere yavuze, yaramucyashye kubera ibyaha bye.

41 Murareba, amadini akora ibitega by'amazi adatemba, aho abantu bashobora kubaho babana n'abagore, kandi abo bagore bakabasha gukora ibyo bishakiye, biyogoshesha imisatsi, bambara amakabutura, ndetse n'ibindi, kandi bakiyita abakristo. Nyamara isoko y'ukuri, Aleluya, mu mbaraga z'Imana, ntabwo yashobora kuguma aho, kuko azasunikira ibyo byose hanze. "ninjye soko y'amazi y'ubugingo. Barandetse, bajya kwicukurira ibitega."

Nyamara isoko y'amazi atemba, turabona, isoko y'amazi atemba, ni iki se? noneho ubwo twamaze kubona igitega icyo ari cyo, isoko y'amazi atemba, ni iki? Ni iliba rifukuye. Ni iki? Mwene Data Branham?" ni iliba lifukuye isoko yaryo yibera hasi mu nda y'isi, kandi igakomeza kududubiza amazi yaryo. Ihora itemba. Irihagije. Amazi yayo ahora afutse kandi asukuye, umwobo ufukuye, isoko y'amazi atemba. Ntabwo ari apfuye adatemba. Ni atemba, iteka ahora agenda, agahora akora ibintu bishya buri gihe, atemba, avoma mu masoko yayo. Ivoma mu masoko yayo ari hasi kure-kure yayo ubwayo, kandi ni… nanone aho niho hari isoko y'amazi adudubiza. Iriyoza ubwayo; ni amazi meza, asukuye, ayunguruye. Ubwayo arihagije; si ngombwa gutegereza ko imvura yuzuza ububiko bwayo. Ahora adudubiza, itanga amazi k'ubuntu. Ntabwo ikeneye ko bayihagaga, bayafasha kuzamuka, kuyacira inzira, cyangwa kuzamuka. Ni isoko y'amazi atemba, ibyo gusa.

42 Murabizi, mufate ibyo bitega bishaje, bisaba guhindura, no guhindukiza, no kongera guhindukira, hanyuma bagasunika, n'ibindi nk'ibyo, kugira ngo babashe gusohoramo ayo mazi. Hum! Ariko isoko y'amazi atemba, yo izayatanga ku buntu, bitabaye ngombwa ko bayasunika, nta kuba umunyamuryango waho, nta kindi kintu gisabwe. Oh, ndanezerewe kuba iyo soko iriho! Yego mugenzi! Ntabwo ikeneye ikintu cyo kuyifasha kuyungurura, kugirango hakurwemo imyanda. Noneho rero, iba iturutse kure mu ndiba y'isi, munsi, aho, mu Rutare, ahantu hatari umwanda nabusa. Ntabwo ari ngombwa kuminuza mu mashuri, Ni

ukuri! Imikorere y'ubwenge bw'abanyamadini, yakozwe n'umuntu kugira ngo umuganga w'imiterere ya muntu agusuzume maze yemeze niba ushobora cyangwa udashobora kuvuga ubutumwa. Nta mikorere nk'iyo ihaba. Ntiwabikora. Iryo riba rihora ridudubiza. Ugize icyo ushyiramo, yakigusha hirya cyangwa hino. Nta mwanya w'inyigisho z'amadini.

43 Ntabwo ikeneye akayunguruzo, umubirikira, gusunikwa, gucuguswa cyangwa icyo aricyo cyose. Yo iba iri aho, idudubiza. Ntikeneye gutegereza amazi y'imvura kugirango yiyuzuze ubwayo. Imvura, ni "ububyutse", cyangwa se iyo soko… aho, muri iyo soko y'ubugingo. "aho intumbi iri, niho ibizu biteranira." Kugira ububyutse ntibisaba gusunikwa; ntibisaba gusunikwa kugira ngo mugire icyo mukora. Icyo mukwiriye gukora gusa, ni ukuza ku isoko. Ihora yuzuye amazi afutse, ntigira iherezo. Ihora idudubiza, buri gihe cyose.

Ntibisaba ngo mujye ku gitega, hanyuma muvuge ngo: " Eh rero, iyaba yari iguye ngo turebeke amazi yose aturutse hejuru, nibwo twabona icyo kunywa. Murareba? Oh la la! la la! ntabwo ari muri ubwo buryo. Uwo mwobo ufukuye ududubiza amazi meza akonje ya buri gihe. Mushobora kubitekerezaho. Ntibisaba ngo muvuge muti: " eh mbega byiza, ngiye kuri kiriya gitega gikuze. Mbere, bakinyweragaho, ariko hashize igihe nta mvura ihari. Ndabikubwiye bishoboka kuba cyakamye.

44 Nuko niko imwe muri iyo mikorere yashyizweho n'amaboko y'abana b'abantu imeze. Mushobora kwinjiramo, niba mufite ikintu cyangombwa kirimo, ahantu hagurirwa ikintu runaka, cyangwa-cyangwa habera ikintu runaka, ibirori bikomeye n'ibintu bikorwa, gukina loto, no gukorera ibirori hasi mu mazu yo hasi mu butaka, n'ibindi nk'ibyo wenda aho muzahasanga icyumba cyuzuye. Ariko iyo mugiye ahantu hari isoko idudubiza, iteka, usanga abantu bagiyeyo kunywa amazi meza afutse. Mushobora kubitekerezaho, mugira muti: "hashize imyaka icumi batabonye ububyutse." Niba mwibera ahafi yiyo soko, yo iteka ihorana ububyutse.

45 Nkuko Gallois yabivugaga. Cyangwa, igihe kimwe, mu gihe cy'ububyutse mu gihugu cy'aba Galles, ibihugu bimwe byahindutse Leta zunze Ubumwe. Bamwe muri abo badogiteri bakomeye muri Tewolojiya bagiye muri ibyo bihugu bya Galles, kugira ngo barebe aho ibyo byose byaberaga no kumenya neza ibyo ari byo. Bari bambaye amakoro ahindukije ubureba inyuma, n'utugofero twabo dukoze mu miseke, nuko bakomeza kugenda mu mayira. Muri ako kanya, haza umupolisi muto muto, yari arimo azunguza indembo ye, akubita ikivugirizo agira ati: "k'umusaraba aho umucunguzi wanjye yapfiriye, naje gukizwa ububabare; aho niho amaraso ye yereje umutima wajye, icyubahiro kibe icy'izina rye", yagendaga mu nzira.

Nuko baravuga bati: "Asa n'umuntu w'umunyamwuka. Reka tujye kumubaza." bati: "Yewe wa mugabo we!" aravuga ati: "karame mugabo we?" aravuga ati: "duturutse muri Leta zunze Ubumwe. Turi itsinda riri hamwe. Twaje hano gukora ubugenzuzi ku kitwa ububyutse buvugwa hano mu gihugu cy'aba Galles. Turi ba Dogiteri muri Tewologiya, kandi na hano tuzanywe no kureba ibyo ari byo

Aravuga ati: "twashakaga kumenya aho ububyutse buherereye, ndetse naho amateraniro yabereye." Aravuga ati: "mwahageze mugabo. Ninjye bubyutse bw'igihugu. " Amina! "ububyutse bw'igihugu buri muri njye. Ni hano bwabereye."

46 Nuko niko bimeze iyo wituriye hafi y'iyo soko y'amazi meza. Aho atemba, iteka, aradudubiza, akadudubiza. Ntagira iherezo. Ntabwo bisaba kubanza kujya kureba niba amazi ahari, niba haherutse kugwa imvura". Ntibisa ibyo. Iyo niyo soko y'amazi atemba. Nkuko nabivuze, itanga amazi yayo ku buntu.

Ntabwo bisaba ngo mugire ibintu murambikaho hejuru, kubwo kugira, ibitwikirizo by'inyigisho, mbere y'uko mushobora kubohereza kubwiriza: kureba biba yandika ayo magambo nk'uko bikwiye, niba kandi abivuga nk'uko bikwiye, niba akoresha amazina n'insimbura zina zayo, na za ntera nibindi. Benshi muri byo ntibazi n'ibyo ari byo; ariko ibyo aribyo byose batuye ku isoko, murareba, ibyo ari byo byose.

47 Ntabwo gitegereza imvura, ngo cyuzure, cyangwa se ubundi bubyutse. Ntabwo gikeneye ibyo, kuko imbaraga zacyo ndetse n'isuku yacyo iri muri cyo. Aho niho hari Ijambo, imbaraga zaryo! Iyo umuntu ashobora kuryakira mu mutima we, rifite muri ryo ubuziranenge, rifite imbaraga muri ryo. Ibyo byose biri mu Ijambo ubwaryo, kandi ibyo ni byo bidudubiza ubugingo.

Igihe Isirayeri yabihungaga, aho niho bayobeye. Iteka iyo babihungaga, bagiraga ibibazo. Ni kimwe natwe uyu munsi. Iyo ububyutse butagifite aho buhuriye na ryo, ntacyo biba bimaze. Bwicukurira imyobo, kandi, cyangwa se ibitega by'amazi adatemba, none dore, bwaragiye.

48 Ariko iteka aza kubafasha. Ukwitotomba ku nyanja itukura, aho, igihe bitotombaga… nyamara, nubwo byari bimeze bityo, yari yaratanze isezerano, yari yaragiranye nabo isezerano. Yashoboraga no guhita abasubizayo ako kanya dukurikije uko tubibona twebwe; ariko yari yarasezeranije ko azabageza hakurya. Yakoze iki? Ku bana ba isirayeri, yabohereje inkingi y'umuriro n'ibindi, nko guhamiriza umuhanuzi wabo. Kandi yarabayoboye kugera ku nyanja. Iteka ibibazo ntibibura kuza kugirango bipinge, birwanye ibyo. Kandi aho ngaho, Farawo yarahasesekaye n'ingabo ze. Ese muzi icyo Imana yakoze? Yafunguye gusa icyo gitega gitukura cy'amazi adatemba. Inyanja y'urupfu, ni cyo kintu cya mbere gipfuye ku isi. Mu

byukuri irapfuye. Ifite amazi adatemba. Nta kintu gishobora kuyibamo.

49 Mu butayu, babonye ko batashoboraga guha agaciro ibizenga; kuko byari byarakamye. Babonye, bagendaga igishanga ku kindi. Igihe bari bari mu butayu, bishwe n'inyota, bashatse icyo kunywa. Bagiye kuri iki gitega, ikizenga: cyari cyarakamye. Bagiye n'ahandi: basanga naho harakamye. Ntabwo batekerezaga ko umunsi umwe bazabona icyo kunywa. Hanyuma rero, ahantu hatagira uko hasa mu butayu bwose, aho niho basanze amazi. Yo yari ari mu rutare. Yari ari mu rutare. Ahantu hatagira uko hasa mu butayu. Ariko, murareba, Imana ikora ibintu nk'ibyo. Ahantu hatagira uko hasa, mu buryo butamenyerewe. Uko niko byamwe bikunda kumera.

50 Batekereza ko ari ngombwa kugira amateraniro manini akomeye y'idini, ko baterana bose ko bagwira bakaba benshi, nibindi, ko bashyikirana ku bwinshi, n'ibindi nk'ibyo, ngo kugira ngo babone ububyutse. Rimwe na rimwe, izafata umuntu uciriritse utanazi inyuguti zigize amazina ye, kandi hagati mu itsinda ry'abantu bamenya bibagoye gutandukanya indyo n'imoso, ishobora guhagurutsamo ububyutse bwanyeganyeza isi. Yarabikoze mu gihe cya Yohana. Yarabikoze mu gihe cy'abahanuzi. Nta n'umwe muri bo nk'uko tubizi, wari warize, ariko Imana yashoboraga kwambara umubiri wabo maze ikagira ibyo isohoza ibakoresheje.

51 Muri urwo rutare niho haturutse amazi. Yari urutare. Kandi yatanze iryo tegeko: urutare rwagombaga gukubitwa. Kandi rutanga amazi meza, afutse ayunguruye, ruyatanga kubwinshi, ku bantu bose bemeye kunywa. Yakijije abemeye kuyanywaho. Ikigereranyo cyiza cyo muri yohana 3.16.

…kuko Imana yakunze abari mu isi cyane byatumye itanga umwana wayo w'ikinege…ngo umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.

Imana yakubise rwa rutare, i Karuvari. Urubanza rwacu rumushyirwaho, kugira ngo muriwe havemo Umwuka w'ubugingo, washoboraga kuduha, njyewe nawe, ubugingo buhoraho. Birasa n'ikigereranyo cyiza gitunganye, aho mu butayu.

52 Ntabwo bigeze na rimwe bakurura, bacukura, bazamura, uretse gusa kugira umugabane k'ubuntu, no kubyo yatanze. Ntiyashoboraga kubikura mu kidendezi cy'amazi. Ntibyari kumusaba kuyazamuza indobo. Nta gikoresho byamusabaga, icyo byamusabaga, ni ukuba ahafiteho umugabane. Kandi nubu nicyo bisaba. Ntabwo bisaba kuba umunyamuryango w'icyo ari cyo cyose. Nti bisaba gupfukama ku gicaniro, cyangwa kugira icyo ukora. Ntabwo bisaba ko usubiramo amagambo amwe inshuro nyinshi, kugeza ubwo ugira imvugo idasobanutse. Icyo usabwa, ni ukuba uhafiteho umugabane, ku buntu, nibwo buryo Imana yateguye. Ntibisaba gusunika, bisaba gusa kubyakira, ku buntu. Ahubwo ni ukuba uhafiteho umugabane. Ni ukumwizera gusa. Icyo nicyo nashobora kubivugaho. Ntacyo wabikoraho, ntiwanacukura. Ntibigeze bapfukama cyangwa ngo barire ijoro ryose kugira ngo bayabone. Ahubwo bari bamufiteho umugabane; yari yarakubiswe kandi yari yiteguye. Ni byo, ni ukuri.

53 Ndabona umuntu wicaye hirya inyuma mu cyumba, hano. Ndibuka mbimubwira, turi aho bororera hafi y'ikintu amatungo ariramo.

Nuko aravuga ati: "Ariko kandi ntacyo maze."

Ndavuga nti: "ndabizi."

Nuko ndongera ndavuga nti: "Maze nanjye ni uko,." Ariko ndavuga nti: "wowe ureba kucyo uri cyo. Sigaho kureba kucyo uri cyo, ahubwo reba kucyo We ari cyo". Aravuga ati: "iyaba gusa narimbashije gukira isegereti, mwene Data Branham, nahinduka Umukristo."

Ndavuga nti: "ntukayihunze. Ugerageza guhinduka mwiza, kugira ngo uzamugereho. Ntabwo yaje na rimwe gukiza abantu beza; yaje gukiza abantu babi, nabo bazi ko ari babi."

Aravuga ati: "Yoo koko…"

Ndavuga nti: umva, ntushaka kujya ikuzimu, sibyo?" Aravuga ati: "oya."

Ndavuga nti: "Yee koko, ntabwo uhatiwe kujyayo. Yarapfuye kugira ngo udahatirwa kujyayo."

Aravuga ati: "Ese ni iki ngomba gukora?"

Naramubwiye nti: "Ntacyo. Nta cyoroshye nk'icyo." Aravuga ati: "Ariko iyaba narinshoboye unsi umwe…"

Ndavuga nti: "dore wongeye kugenda hamwe n'isegereti yawe. Sigaho gutekereza ku isegereti yawe. Ibuka ibi: mumutekerezeho, no kubyo yakoze, no kucyo Ari cyo; atari kucyo wowe uri cyo. Kuko ntacyo uri cyo; nta narimwe wigeze ugira agaciro, kandi ntanako uzigera ugira. Ariko icyo We, ari cyo ni We ufite agaciro!" Hanyuma ndavuga: "noneho, ikintu kimwe kandi kimwe gusa ugomba kuvuga, ni ukumwemera, ntakindi."

Ariko yaravuze ati: “Kuki? Biroshye, ibyo. Ngiye kubikora.”

54 Ndavuga nti: “Akagezi kari hano.” Murabona? Namuzanye hano kandi naramubatije mu izina ry'Umwami Yesu Kristo. Abantu bo mu muryango bicaye hano, kandi nzi ko baneguye ibyo nakoze, ariko nari nzi icyo narindi gukora. Nari narabonye ikintu cy'umwimerere muri uwo muntu. Nashoboraga kubona ko aricyo gihe, nuko ndamujyana maze mubatiza mu Izina ry'Umwami Yesu. Kandi, muri icyo gihe, ntihashize igihe kirekire, nagiye k'umuhungu we. Twabonye iyerekwa, ry'igiti cyari cyavunikiye ahantu, nuko uwo mugabo yituye hasi avunika uruti rw'umugongo. Bamujyanye ku bitaro. Kandi muri iryo joro, Umwami yampishuriye ko isegereti, byarangiye. Nuko, bukeye bwaho, ashaka isegereti. Ndavuga nti: “ngiye kurimugurira, kandi ndawumuzanira. Ni mwitegereze neza, umunsi w'isegereti, kuri we, byari byarangiye.” Ntabwo yongeye kurinywa kuva icyo gihe, ntabwo yongeye kwiryifuza. Imana!

Ese murabona, ikintu cya mbere mugomba gukora, ni ukuza kuri iyo soko. Mugomba kuza kuri ayo Mazi, mukamenya ko ntacyo mushoboye; ibyo yakoze kuri mwe nibyo bifite agaciro. Ntibibasaba kubanza gucukura, gusunika, kuzinukwa ibi, kuzinukwa na biriya. Icyo mugomba gukora, ni ukujyayo mukanywa amazi. Ni ibyo. Niba mufite inyota, nimunywe!

55 Noneho, yari urutare. Imana yaramukubise ku bwacu, yatanze amazi meza, asukuye, kandi menshi. Nanone muri iyi minsi aracyabikora, kuri babandi bose bacyemera kwizera. Ni ubuntu, kubw'ubwoko bwe, twebwe.

Aho hari ikintu gisa n'icy'abantu bo muri iyi minsi: biteguye gufata icyo bashoboye kubona, ariko ntibashaka kugira uwo baha ubufasha. Isirayeli yari yiteguye kunywa amazi yo mu rutare, aho, ariko ntiyashakaga gukorera Imana umurimo yagombaga kuyikorera.

Kandi We, akomeje iteka kuduha ubufasha. Murabizi, nta nubwo dushobora guhumeka tutamufite. Ntidushobora guhumeka, niba Imana itaduhaye ubwo bufasha. Reba uburyo byose tubikura kuri We. Nyamara turasa n'ibisenzegeri, bigerageza gushaka gukora, bigerageza gushaka kugira icyo bimukorera. Adusaba kugira icyo dukora, kujya gusura umuntu, gusengera umuntu, kujya gufasha umuntu, turasa n'ibisenzegeri, byakagombye gukora ibyo. Ariko ntakintu dushaka gukora kugira ngo tumukorere.

56 Ugucyaha Kwe kwari ngo: “banteye umugongo, Njyewe, Jambo; kandi bihitiyemo igitega gitobotse mu mwanya wanjye. Emera… banteye umugongo, njyewe, soko y'ubugingo, isoko y'amazi y'ubugingo; nuko bashaka, kandi bakifuza kunywa amazi y'igitega gifite amazi adatemba.” Ese ibi mushobora kubitekerezaho?

Ese ushobora kwibaza k'umuntu, aho, mu gihe hari iriba rifukuye ridudubiza ayo mazi meza abengerana aturuka hagati mu rutare, hahandi nk'aho mumusenyi, akonje ari meza mu buryo bushoboka, hanyuma agahitamo kunywa ayo mu gitega, amazi amanuka ava ku gisenge cy'ikibandahori, no kuyandi mazu ari hanze aho hose? Nuko akavomwa, aturutse muri icyo gitega cyaguyemo ibintu byose biturutse ku gisenge no ku bibandahori, n'ahandi bigatemba bijya mu gitega, noneho tugashaka ku… ku yanywa, aho kugira ngo ajye ku iriba rifukuye? Haba hari ikitagenda, mu mutwe w'uwo muntu. Ni ukuri.

57 Iyo umugabo cyangwa umugore yiteguye gushyigikira idini, ryemera kogosha imisatsi, kwambara amakabutura, kwisiga amarangi, nibindi nk'ibyo byose, hamwe n'ikintu gisa nka-nka porogaramu, hamwe na gahunda nke, n'aho bajya mu myidagaduro, nibindi nkibyo bidakwiriye, aho, kandi bakihanganira ibyo; kandi bagakunda ibyo bintu cyane kuruta Ijambo ry'Imana ryo mu buryo bwa kera, ryo rikosora rikaringaniza, rigahindura abagore mo abagore b'umutima, hanyuma rikababafata rikabambika nk'uko bikwiriye, rigatuma bitwara nkuko bikwiriye, rikabakiza isegereti n'itabi, kurahira no gutuka Imana, kubeshya no kwiba, kandi rikabakuramo iby'isi byose, kugira ngo ribahe ukunyurwa gutunganye. Ni kuki umugabo cyangwa umugore yahindukirira ibintu nk'ibi ajya kubishakamo icyamuhumuriza? Ni gute ibintu nk'ibyo wabisangamo ihumure?

58 Ni gute ushobora kunywa amazi afutse mu gitega cy'amazi adatemba? Kubera iki… niba umuntu agiye ku gitega cy'amazi adatemba kugira ngo ahanywere, kandi hari iriba ry'amazi afutse, wavuga uti: “uwo muntu afite ubwonko budakora neza.” Nicyo kimwe, niba umugore cyangwa umugabo ajya ahantu nkaho kuhashakira icyamuhumuriza, hari ikitagenda, mu Mwuka kuri uwo muntu. Ntibashaka Ijambo. Ibyo byerekana ko kamere yabo ari nk'igikeri. Cyangwa iy'umutubu, cyangwa ikindi nk'icyo, ni ukuri, ikintu gifite kamere nk'iyo, gikunda icyo kizenga cy'amazi adatemba, kuko ibintu nk'ibyo bitaba mu iliba ry'amazi afutse. Ntibishobora, ni amazi afutse. Ntibishobora.

59 Noneho, icyo abacyaha, ni uko “bamuteye umugongo”. Kandi no muri iyi minsi niko babigenje. Noneho ni mwitegereze urya mugore ku iriba. Nyamara, yageze ku iliba rya Yakobo, aho niho yajyaga ajya kuvomera amazi ye, uhereye kera, ku iriba rya Yakobo. Ariko iliba rya Yakobo, idini, niwe ryitirirwaga kuko hari haracukuwe amaliba atatu, kandi iryo niwe wari wararifukuye. Nyamara, uwo mugore, yari afite ibintu byinshi byo kuvuga. Yaravuze ati: “dore, sogokuruza wacu Yakobo yadufukuriye iri liba. Yarinyweragaho, kandi n'amashyo ye yarinyweragaho, ibintu nk'ibyo. Ese ibyo ntibihagije? ”Aravuga ati: “Ariko amazi uhavoma, uracyafite inyota, ugomba kugaruka hano kuyashaka. nuko”, aravuga ati: “amazi

jye nguha, ni isoko, isoko idudubiriza imbere, kandi ntuza hano kuyashaka. Ahoraho, uhorana nayo.”

60 Nimwitegereze. Ariko mu gihe yamenyaga ko isoko y'ibyanditswe ariyo yamuganirije, ikoresheje ikimenyetso kiri mu byanditswe we yari ategereje, yahise ava mu migenzereze y'idini rya Yakobo, kandi ntiyongeye kuhagaruka, kuko yari amaze guhura n'urutare rw'ukuri. Murareba? Yagiye mu mujyi yiruka. Kuri we, icyaha, byari byarangiye. Ntiyari akiri umugore w'indaya. Aravuga ati: “Nimuze murebe uwo nabonye, umuntu wambwiye ibyo nakoze byose. Ese ntiyaba ari Mesiya?” ya… icyo gitega, wenda hari icyo yari yakoze; yari yabonye akamaro ke. Noneho yaje ku isoko nya soko. Igitega cyakoze umurimo wacyo kugeza igihe isoko y'ukuri ifunguriwe. Ariko igihe isoko y'ukuri yari imaze kuza, igitega cyahise gita agaciro kacyo. Uyu mugore yahise amenya ko hari ahantu heza ho kunywera.

61 Kandi hari ahantu heza. Hari ahantu heza, ni muri Kristo. Muri Yohana7:37-38, Yesu yavuze k'umunsi wa nyuma w'iminsi mikuru y'ingando ati: “niba umuntu afite inyota, naze ansange, maze anywe amazi.” Bose bagaragaje umunezero. Yari afite akantu gato gasohora amazi, yasohokaga munsi y'igicaniro, kandi-kandi aho, niho banyweraga bose, kubwo gukora umunsi mukuru. Kadi bagiraga bati: “ba sogokuruza bacu banyweraga ku iliba ry'Umwuka mu butayu.” Ese murareba, bicukuriye igitega, cy'amazi adatemba bakururaga bazamura maze bakayaminjagiza aho kurusengero. Kandi bose bateraniraga kuri ayo mazi, barayanywaga, nuko bakavuga bati: “Hashize imyaka myinshi, ba sogokuruza bacu baranywereye mu butayu.” Yesu yaravuze ati: “Ndi rwa rutare rwari mu butayu.” Baravuga bati: “Twariye manu yo mu ijuru, Imana yarayimanuye.”

Yaravuze ati: “Ndi iyo manu.” Ya soko, yari we, yari hagati yabo. Uwo mugati w'ubugingo wari hagati yabo. Kandi nubwo byari bimeze bityo, ntibigeze bawushaka. Bishakiraga kwigumanira n'ibitega byabo; kubera ko hari umuntu wari warubatse ibi, nuko Imana nayo yohereza biriya. Dore neza neza itandukaniro. Bari baricukuriye ibitega!

Yaravuze ati: “Niba umuntu afite inyota, naze ansange muhe ku mazi.: ni We ya soko. Kandi nkuko ibyanditswe bivuga: ”Amazi atemba y'ubugingo azatemba ava mu rubavu rwe“. Oh, niwe liba rifukuye! ”Amazi atemba y'ubugingo azatemba ava mu rubavu rwe, cyangwa ava kure mu ndiba y'ubugingo bwe.

62 Ni We rwa Rutare rwari mu… rwari urutare rwa Hagari, mu gihe cy'umubabaro; igihe umwana we yendaga gupfa, ubwo yirukanwaga mu nkambi, ari aho n'akana Isumayiri. Amazi ye yibikiye mu gitega yatwaraga, yari yashizemo. Nuko aryamisha akana Isumayiri. Ajya kure y'amarembo maze ararira, kandi, oh, kuko atifuzaga kubona umwana apfa. Nuko muri ako kanya, Malayika w'Uwiteka aravuga, asanga Be-Berisheba, i-iliba ryadudubizaga aho, kandi rikidudubiza n'uyu munsi. Yari Berisheba wa hagari, Urutare, aho mu butayu.

63 Urwo rutare rwari ruri hano, mu isoko yuzuye amaraso, urya munsi, rwari ruri aho mu rusengero. [umwanaya uriho ubusa kuri bande-U.I.]…igihe cy'imiyaga y'inkubiri. Muri zakariya, igice cya 13, yari iliba rifunguye ry'inzu ya Dawidi, kubwo kwezwa(icyaha), no kubwo kwezwaho icyaha. Ni We wari iryo liba. No muri Zaburi 36:9 yari isoko y'ubugingo ya Dawidi. Akongera kandi akaba iyo Soko mu nzu ya Dawidi. Ni We wari umusizi mu mutima we, aho. Ubwo umusizi yavugaga ati:

Hari iliba ryusuye amaraso

Yo mu mitsi ya Emanweri,

Umunyabyaha wese uroshywe muri icyo kidendezi

Yozwa ibyaha bye byose.

Ni We ya Soko y'ubugingo, ya soko y'amazi. Niwe Jambo ry'Imana

64 Abantu bo mu minsi ya nyuma baramuretse, We, Jambo rizima, amazi y'ubugingo; nuko bibumbira ibitega by'amadini; na none, baracukuye, ariremera!

Nyamara, turabona ko bagize ibitega bitobotse. Kandi icyo gitega, cyuzuye imbuto yo kutizera, y'akadurivayo ko kutizera, ya za gahunda z'uburezi, ndetse nibindi nk'ibyo binyuranije n'amasezerano y'Imana. Ni abashidikanya ku Ijambo.

65 Nyamara, ibyo bitega bafite, Bibiriya ivuga ko “byatobotse.” Igitega gitobotse, ni igitega “kiva”, kirekura ibitonyanga. Ni iki gikora? Gitonyangira mu mwanda w'iyobokamana, ryitwa Inama nkuru ihuza amadini yose ku isi. Kandi aho niho igitega gitobotse kiberekeza; impamvu y'ibyo byose ni uko bamuretse We, kandi ba… isoko y'amazi atemba, kandi bakaba barubatse ibyo bitega.

Bicukuriye ibitega binini bya za seminari, z'ubumenyi, z'amabwiriza, n'ibindi nk'ibyo. Ngibyo ubwoko bw'ibitega barimo gucukura muri iyi minsi: umuntu agomba kugira impamyabumenyi y'ikirenga muri Filozofiya, cyangwa impamyabumenyi y'ikirenga mubijyanye n'amategeko, cyangwa impamyabumenyi ihanitse mu mu ndimi, cyangwa se ibindi bisa n'ibyo, mbere y'uko bajya kubwiriza. Ibitega byujujwe Tewolojiya, byakozwe n'amaboko y'abana b'abantu. Babyinjiza muri ayo mashuri akomeye atanga

ubumenyi bukataje, kandi aho niho babinjirizamo ubumenyi bwabo bwite bwakozwe n'abana babantu! Ntibitangaje ko ibi bintu byahinduka umunuko, Yoo! Ni uko abantu bahanywera.

66 Iyo abantu bashaka kubona umunezero, muri iyi minsi babigenza bate? Abantu aho kwakira umunezero w'Uwiteka, barahindukira bakajya mu byaha akaba ariho bajya gushakira umunezero. Abantu bajya ku rusengero bakiyita abakozi b'Imana, iyo bitigisije cyane, baragenda bakikongereza isegereti. Kandi iyo ba-iyo bashaka kwishimisha, biyambika bigufi maze bakajya gukata ibyatsi mu busitani aho abagabo banyura kubira ngo babagobeze. Bakora ibishoboka byose kugira ngo bamenyekane. Bashaka kwisanisha n'ibyamamare muri sinema. Uwo niwo munezero wabo. Mu gihe Yesu yavuze ati: "Ndi ubahagije." Impamvu ituma bahindukirira ibyo bintu, n'uko badashaka kunywera kuri iyo soko. Bayiteye umugongo. Ntibashaka kuyinyweraho. Bashaka kwigira ahari imikorere yakozwe n'amaboko y'abana b'abantu, igitega cyuzuye imyanda y'amazi adatemba, niho bashobora kujya, nk'uko.

67 Ejo twajyanye abana k'umugezi. Ndatekereza ko hari kuwa gatandatu mu gitondo. Twagiye yo; Billy we yari yagiye kuroba n'ubwato, nuko tujyana abana, umwuzukuru wanjye hamwe n'abandi, umukobwa wanjye, hanwe n'agahungu kanjye gato, nuko tujya kumugezi, tugiye gutembera mu bwato. Nti twashoboraga gutembera mu bwato bugenda mu mugezi, mu gihe cyose hari harimo abantu basa nabi, basa n'abambaye ubusa, kandi bigira uko batari. Ubwato bwaciye hafi yacu, itsinda ry'abana babasore bari mu kigero cy'imyaka cumi n'ibiri kugera kuri cumi n'ine, buri wese yari afite akabirika k'inzoga hamwe n'isegereti. Ibyo nibyo bitaga "kwishimisha." Yoo mbese iyi si yazaramba igihe kingana iki, ikomeje gukorerwaho ibintu nk'ibyo?

68 Noneho, kubwo kubyumvikanisha neza ko bazajya ikuzimu, ibyo bakora, kuba bajya kuri kimwe muri ibyo bitega byakozwe n'amaboko y'abana babantu. Ubwo rero, ni bene abo bantu bishingikiriza kuri icyo gitega. Nta kindi bari cyo urentse kuba itsinda ry'imitubu yo kwisi, yanduye, yuzuye umwanda. Kandi bakiyunga nacyo, kubara ko, nk'uko kera Mama yajyaga abimbwira: "ibisa birasabirana." Ntibashaka kuza ku isoko, ngo bozwe iyo mibereho y'icyaha. Bashaka kwiberamo, maze bagakomeza kwemeza ko ari abakristo. Kubera iki? Bamuteye umugongo, isoko nyakuri y'umunezero, ubugingo, n'ukunyurwa gutunganye. Iyo niyo mpamvu babikoze, ni uko bashaka kubibamo gutyo. Hariyo abantu bameze batyo, bizera ibintu nkibyo.

69 Ntihashize igihe kirekire, mwene Data Fred nanjye, na mwene Data Tom, itsinda ryuzuye, twagiye ku itorero ry'ababatisita rizwi cyane hano mu mujyi wa Tucson, kugira ngo turebe ko twasanga byibura akantu gato wenda kadushimisha. Nuko umukozi w'Imana avuga ikintu gito kubijyanye n'abantu, mu Egiputa, igihe bagendaga baryaga ibitugunguru, nibindi, kandi bifuje gusubirayo ngo bajye kubirya. Yaravuze ati: " birasa neza n'iby'abantu bo muri iyi minsi." kandi natwe, twese, turavuga tuti : "Amina!" sinigeze mbona ibintu nka biriya! Itorero muri rusange ryatakaje umuvugabutumwa w'intangarugero, bose bahise bahindukira ngo barebe uwo muntu uvuze ngo "Amina". Bahise bumirwa bikomeye. Ntabwwo bari bazi ibyo ari byo. Mu gihe Dawidi yavuze ati: "murangururirire Uwiteka amajwi y'umunezero. Mumucurangire Neberu! Mumucurangire Ishako! Ibyaremwe byose nibihimbaze Uwiteka. Kandi ni muhimbaze Uwiteka!" Imana yihimbaza hagati mu bwoko bwayo. Abafite ubwenge nibavuge bati: "Amina", mu gihe havuzwe ikintu cy'ukuri.

70 Kuki mudashobora kureka iyo migenzereze y'iyi si, ngo muhindukirire imigenzereze y'Imana, ni ukuvuga iriba rifukuye, Yesu Kristo? Kuki mudashobora kuyihindukirira, kandi Imana ariyo soko idudubiza y'umunezero wacu, isoko idudubiza y'uguhimbaza kwacu, isoko idudubiza y'ukunyurwa kwacu? Ugutuza kw'imitsi yanjye yo mu mutwe guturuka ku Mana. Iyo ndi mu bihe byanjye bigoye, mbonera ukunyurwa kwanjye muri Kristo; ntabwo ari mu isegereti, ntabwo ari mu by'isi, ntabwo ari uguteranira aho bigisha imihango, ahubwo ni mu kumusanga, We, Jambo ryasezeranijwe, wavuze ati: " Niba ngiye, nzagaruka mbajyane aho ndi." Aho niho nkura umunezero wanjye. Ni We munezero wanjye.

71 Uyu munsi bibwira ko gukora ibyo bintu, no gukora impuzamadini kw'isi, ko ariho bakora ahantu heza ho kuba. Mu by'ukuri, icyo ntekereza ni uko ahubwo baba bakora ahantu heza ho gucumurira. Ni ibyo gusa… icyo kintu, ni icyaha, ibyo ari byo byose; si ukugirango babeyo, ahubwo ni ukugira ngo bapfireyo. Kwikorera ahantu ho gucumurira-ho gucumurira, aho gukora ahantu ho kuba.

Ikintu cyose, ikintu icyo aricyo cyose kitari Yesu Kristo n'Ijambo rye ry'ubugingo ni igitega gitobotse. Ikintu cyose kigerageza gusimbura ibyo; icyo mwagerageza gukora cyose mugishakamo amahoro, icyo mwagerageza gukora cyose mugishakamo ihumure, umunezero wose mwakwakira uko waba umeze kose, kubwo gusimbura ibi, ni igitega gitobotse cyuzuye imyanda. We, atanga ukunyurwa gutunganye.

72 Ndibuka, hano, hari mugihe cy'itumba, hashize imyaka mike, nasohokeye mu muryango w'inyuma. Umwana w'umusore wari uhari arambwira ati: "Murabizi, impamvu ituma iteka uvuga abagore kuriya, kuko bambara amakabutura, nibindi",aravuga ati: "N'uko uri umuntu ushaje." aravuga ati: "Iyo niyo mpamvu." Ndavuga nti: "Umva. Ufite imyaka ingahe?" aravuga ati: "Makumyabili n'irindwi."

Ndavuga nti: "Igihe nari ndi mu myaka y'ubusore nkawe, nigishaga nk'ibyo". Naje kubona isoko y'ukunyurwa. Ni We mugabane wanjye! Mugihe cyose akinteganyiriza, niwe bwiza. Ni ibyo-ni ibyo…

ikinejeje kuri njye, ni ukumuhanga amaso, We, kubona ukuboko kwe gukora umurimo no kwitegereza icyo kuri gukora. Nta yindi soko nzi na busa!

Oh, giciro cy'ingenzi

Kimpindura umweru nk'urubura;

Nta yindi soko nzi,

Uretse gusa iy'amaraso ya Yesu

Hari isoko yuzuye amaraso

Yo mu mitsi ya Emanweri,

Umunyabyaha wese ushyizwe muri ayo maraso

Yezwaho ibyaha bye byose.

73 Ndabibabwira, ntayindi soko nzi uretse gusa iyo yonyine. Yaranyogeje igihe nari mfite umwanda. Yandinze nkuwejejwe kuko nshaka kwiturira hafi yayo, ninywera kuri ayo mazi afutse yuzuza umutima wanjye umunezero. Nshobora kubagwa bishoboka, nkaba namera nk'utagishobora gushinga… mu bundi buryo, nkaba ntagishobora kugira n'aho ngana; noneho, ngashobora gupfukama maze ngasyira urutoke rwanjye ku isezerano maze nkavuga nti: "Mwami Mana, ni wowe mbaraga zanjye. Uri ukunyurwa kwanjye. Umbereye byose muri byose." Nshobora kumva ikintu gitutubikana muri njyewe, aho. Nongeye gufatira ahisumbuye.

74 Maze kurenza imyaka mirongo itanu, nuko kandi nzinduka mu gitondo, muzi ibyo ari byo, mfite ibibazo by'iyi si bituma ntatinda mu buriri. Oh, ntabwo tugerayo; kandi hari bamwe bari ku rugi, barimo gukomanga, cyangwa se Billy akambwira ko hari ikibazo cyihutirwa ahantu runaka, nkaba ngomba kujyayo. Nuko ndibwira nti: "ni gute nzagerayo?" ngerageza gukura akaguru ku buriri. Ndatekereza ko: "Uri isoko, yuzuye imbaraga zanjye. Amina! Imbaraga n'ugutabarwa kwanjye bituruka k'uwiteka. Uri isoko yanjye idakama! Ni wowe busore bwanjye! ' abategereza Uwiteka bongererwa imbaraga; bazahagarara bafite amababa, nk'ikizu; baziruka ntibazananirwa, bazagenda ntibazananirwa.' Mwami Imana, kujyayo ni inshingano zanjye. Ndahamagawe ngo njye ku murimo wanjye. Kandi muri ako kanya numva ikintu gitutubikana imbere muri njye.

75 Umunsi umwe, nari mfite inama hano i Topeka, Kansas, hari umusore w'umubwirizabutumwa, umwe mu banshyigikira... Mwene Data Roy, wicaye hano, arabuka aho hantu. Hari uwo mubwirizabutumwa, igikuta cyagwiriye. Yari agiye gupfa. Umwijima we wari waturitse; urwagashya rwe rwasohotse; ibintu biremereye byari byamuguyeho.

Ku ifunguro rya mugitondo, ndi kuvugana n'umugore wanjye. Ndavuga nti: " Mugore wanjye, urabizi, iy'aba Yesu yarari hano, ese wari uzi ibyo yari gukora?" "Nizera iri jambo - Igihe yabaga anshyigikiye- Nizera iri jambo'- Ni Kristo udushyigikira." Hanyuma ndavuga nti: "Ibi ni uburyarya bwa satani." Narongeye nti: "Iyaba Yesu yarari hano, yari kujya kumurambikaho ibiganza bye byera. Uwo mwana w'umuhungu ari kugarura intege. Habe niyo igihaha cye cyari kuba cyashwanyaguritse, uko cyari kuba kimeze kose. Yari gukira, kuko Yesu yari kujyayo, azi uwo ari We. Yari ari umuhamagaro We, ibyanditswe byari biri mu kuri, byahamirizaga muri We neza ko yari azi neza uwo ari We, kandi nta… nta gicucu cyo gushidikanya na hato. Yari kumurambikaho ibiganza, hanyuma akavuga ngo: 'Mwana wanjye, garura intege', yari kongera kugenda." Hanyuma ndavuga nti: "nta madayimoni ahagije ari ikuzimu yakwica uyu mwana, muri ako kanya." Nuko ndavuga nti: "yari gukira." Ariko ndavuga nti: "Urareba mukundwa, We, yari Yesu, ibiganza byera by'Imana." Ndavuga nti: "Njyewe, ndi umunyabyaha. Navutse biturutse ku gitsina. Data na Mama bari abanyabyaha, nanjye ubwanjye ntacyo ndicyo, yari guhaguruka kuri ubwo buriri, iyo Aza kumpa iyerekwa."

76 Nuko rero ntangira gutekereza: "ibyo aribyo byose, iyo haza kubaho iyerekwa, byari kugenda bite? Byari kuba bya biganza byanduye nanone yari kurambikwaho, yego, wa muntu wari kumusengera, ibiganza bimwe byanduye." Nuko ntangira gutekereza nti: "ndamuhagarariye. Rero, Imana ntimbona. Amaraso y'Umukiranutsi ateretse mu ijuru ku gicaniro; niyo atakamba ku bwanjye. Ni We wenyine umpagije. Ni We sengesho ryanjye. Ni We bugingo bwanjye". Nkavuga nti: "ikintu kimwe rukumbi cyatuma murambikaho ibiganza mfite ukwizera, ni uko mfite ukwizera mu iyerekwa. Kandi iyerekwa ridahari, kwizera kwabikora; rero nshobora kwemeza ko njyewe ntacyo ndicyo, ahubwo ndemeza ko We ambereye byose muri byose. Ni We buzima bwanjye. Niwe unyobora. Nta dini narimwe ryanyohereje; ni We wanyohereje. Aleluya! Ngiye yo mu Izina Rye. Ngiye kumurambikaho ibiganza." Nagiye yo kumurambikaho ibiganza uwo mwana w'umuhungu, kandi uwo mugoroba, yari ari mu materaniro, yakize neza. Amina!

77 Oh yego, niwe soko. "Ntayindi soko nzi, nta kindi kindi uretse gusa amaraso ya Yesu!" ndi umuntu usuzuguritse, ndi imburamumaro, ni twese turi cyo, ariko imbere y'Imana turi intungane. Nda… " Mube

abatunganye nk'uko so wo mwijuru ari intungane." Ni gute mwaba zo? Ni uko Utunganye aduhagarariye yo. Iyo soko irahari, iminsi yose, iraboneye. Ntabwo ari ikintu kidatemba, ahubwo ni isoko iboneye, iminsi yose, ikuraho ibyaha byanjye byose. Iyo soko ni We.

78 Noneho, kubwo gusoza, nashakaga kuvuga ibi. Ibintu byose binyuranije n'ibi, ni ibitega bitobotse, bizarangira bivuyemo ibyo mwashyizemo; nimushyiramo ibyiringiro byanyu byose, igihe cyanyu cyose, n'ibindi, muri kimwe mu bitega by'amazi adatemba. Yesu yavuze ko ari ibitega bitobotse. Imana yaravuze iti: "Ni ibitega bitobotse, bazatuma ibyo muzashyiramo byose biva. Ubwo rero, ni We buryo bumwe rukumbi bwo kugera ku kuri, ku bugingo, k'umunezero w'iteka no ku mahoro y'iteka. Ni We buryo bwonyine bwo kubigeraho. Oh! la la!

Isoko idakama y'ubugingo, ni Yesu Kristo. Kubera iki? Kandi se we ni iki? Ni Jambo, ntahinduka; ni Jambo, ubugingo, isoko, "uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko ari kandi niko azahora n'iteka ryose". K'uwizera w'ukuri, aho niho hari umunezero udasanzwe, ubugingo budasanzwe, ndetse n'ukunyurwa kwe kudasanzwe biri muri Kristo. Ntibisaba guhaga, gukurubana, kuba umunyamuryango; bisaba kwizera maze ugatuza. Dore ibisabwa k'uwizera.

79 Nka sogokuruza wacu Aburahamu; ntiyigeze akurubana, ntiyigeze yishakira ibisharira, nta narimwe yigeze yigora. Yari afite ijambo. Yakomeje kwishingikiriza ku mabere ya EL-Shadayi. Aburahamu igihe yari afite imyaka ijana, Imana yaramubonekeye, maze iramubwira iti: " Ndi Imana y'imbaraga. Mu ijambo ry'ikiheburayi, ni El- Shadayi, bishatse kuvuga ngo: "Ufite amabere". "kandi dore urashaje, nta mbaraga ukugira, ariko egamira ku ibere ryanjye, igaburire kandi wongere imbaraga uvanye muri iyo soko. Amina! Ese mugihe yaryegamiraga yavanyemo iki? Umubiri mushyashya. Yabonye umwana, amukuye kuri Sara. Kandi nyuma y'imyaka mirongo itanu, yagize abana barindwi abavanye ku wundi mugore.

Oh, El shaddai! Isezerano rya kera rigaragaza ibyo yakoze, isezerano rishya rikamenyesha ibyo azakora. Amina! Mu isezerano rya kera…

80 Nta byuma bitanga akayaga bigihari, none ngiye kugira vuba ndangirize aha, mu kanya gato.

Ndashaka kuvuga ibi mbere yo kurangiza. Umunsi umwe nabigizeho urugero rwiza. Naratemberaga. Kandi abantu bamwe hano werekeza i Georgetown, i Millton. Igihe kimwe hari, isoko, iyo kure mu misozi. Wari umwobo ufukuye. Wadudubizaga utera hejuru amazi nko muri metero imwe na makumyabiri cyangwa metero imwe n'igice, yakomezaga yitera buri kanya, kandi hari isoko nini yari izengurutse aho hantu. Kandi hirya no hino aho hari imishwi y'inkoko myinshi, murabizi, n'ibindi bintu byari aho, amoko y'ibyaremwe. Kandi, yoo, nk'uko nari mfite inyota yo kuhagera, yoo! kugera kuri iyo soko. Kandi narayegereye, nuko ndanywa ndongera ndanywa, cyakora, naricaye, ndanywa, nari ntegereje.

Uko imyaka yagiye ikurikirana, nagendaga iteka ngaruka kuri iyo soko. Nta narimwe yigeze ihagarika kududubiza, mu mpeshyi kimwe no mu itumba. Ntawayihagarika, ntushobora guhagarika isoko idudubiza. Yoo reka da! Habe n'ubwo haba hakonje gute, ntiyahagarara. Wabasha guhagarika ukuva kw'igitega; uruhomo ruto rurahagije kubikora. Murabona? Ariko ibihumeka byose, bifite ubuzima muri byo, biragendagenda. Ntabwo ushobora gufunga iliba ry'amazi adudubiza. Habe nubwo aho haba hari mwuka ki, iryo liba rihora risohora amazi. Ni mwibere kuri iryo liba

81 Naje kuhabona, njya yo, nyweraho, mbega amazi afutse; ntakwibaza ngo ' ndibaza niba narigeraho, ndibaza niba hari ikitagenda?

Umusaza w'umworozi yarambwiye ati: "Sogokuru niryo yanyweragaho." Nuko aravuga ati: " nta narimwe yigeze atakaza imbaraga, habe na rimwe. Ni ryo rya liba na none, ridudubiza amazi agatemba akajya kwirohamu mugezi wa bleue

Naribajije nti: "oh la la! mbega ahantu heza ho kunywera amazi! Nakoraga urugendo rwa mayilo imwe[kilometer imwe na metero mirongo itandatu] n'amaguru, kugira ngo ngere aho hantu, kuko mu by'ukuri ni ahantu hahebuje ho kunywera. Oh,

Ni-nisanze mu butayu, muri Arizona, aho, kandi ndacyongera kuhatekereza: "Iyo soko nziza, iyo, iya gusa narimbashije kujya kuruhukira hafi yayo!" nkuko igihe kimwe Dawidi yabivuze ati: "Oh, iyaba narimbashije kunywera kuri iryo liba!" ngo iyaba yarabashije kugerayo!

82 Umunsi umwe, naricaye, hanyuma mpura n'ikintu gishekeje. Ndavuga nti: "ni iki gituma uhora wishimye gutyo? Nashimishwa no guhora nishimye gutyo. Ariko, sinigeze na rimwe nkubona urakaye, kuva nagera ino. Nta kintu na kimwe kigaragaza uburakari kiri muri wowe." Naravuze nti: "uhora iteka wuzuye umunezero. Urasimbagurika, kandi ukagaragaza umunezero udasanzwe, ndetse n'ibyishimo. Mu itumba kimwe no mu mpeshyi, hakonje cyangwa hashyushye, uko byaba biri kose uhora wuzuye umunezero. Ni iki gituma…? Ni iki, ni igiki? Ni uko nywa ku mazi yawe?

- Oya.

Ndavuga nti: "nyamara, bishoboka kuba inkwavu zikunywera amazi, kandi ibyo ukaba ubikunda.

- Oya."

Ndavuga nti: "none se, ni iki gituma uhora unezerewe gutyo? Ni iki gituma uhorana umunezero? Ni iki gituma uhora wuzuye umunezero?" ndavuga nti: " ni uko- uko inyoni zikunywera amazi?

- Oya.

- Ni uko njyewe, nkunywera amazi?

- Oya."

- Ndavuga nti: "eh nonese, ni iki gituma uhorana umunezero?"

Kandi iyo iryo liba ribasha kunsubiza, ryari kuvuga riti: " mwene data Branham, si uko unywa, -aranezeza, -kandi nshoboye kuhira n'inyoni. N'uhira buri wese ushaka kunywa. Icyo usabwa gusa ni ukuza hano maze ukanywa. Ariko ikinshimisha: ntabwo ari njye ududubiza, ni ikintu muri njye kinsunika. Ni ikintu gitutubikana muri njye."

Kandi niko bimeze k'ubugingo bwuzuye Umwuka. Nk'uko Yesu yabivuze, ko yari mu… murareba, niba yarabahaye isoko y'amazi adudubiza kugera mu bugingo bw'iteka, iliba lifukuye, ridudubiza, rizamukamo amazi, ahora atemba. Naho itorero ryateraganwa n'ibibazo, wowe uba wibereye kuri iryo liba. Kuki wahiramo imigenzereze ishaje y'amadini, igitega cyuzuye isayo n'umwanda, kugira ngo unywe ibyo bintu bidatemba, kandi nyamara warararikiwe kuza kunywera ku iliba, ku iliba rifukuye?

83 Ndamubona nanone, aza, asimbuka, kandi -kandi atera amaboko hejuru, kandi aseka, asimbagurika, yikunenga hasi. Mu gihe cy'imbeho, cy'imvura, gishyushye, humutse, iyo iguhugu cyose cyumagaye, we ahora anezerewe. Kuko afite urufatiro, afite imizi hasi ku rutare, aho niho yungukira.

Yoo, mundeke nibereho kubw'iyo soko idudubiza. Fata imikorere y'abantu yose ushaka, ibitega bitobotse byawe byose, , ariko undeke njye kuri iryo riba. Ndeka njye aho ryuzuye... Ni Ibyishimo byanjye; Ni Urumuri rwanjye; Ni Imbaraga zanjye; Ni Amazi yanjye; ni Ubugingo bwanjye. Ni Umuganga wanjye; Ni Umukiza wanjye; Ni Umwami wanjye. Ibyo nkenera byose mbisanga muri We. Najya he handi?

84 Mwene Data, mushiki wanjye, ese ntushaka kuza kuri iryo soko, ku mugoroba w'uyu munsi? Ntubishaka, niba utarigeze uyizaho, ese ntushaka kumwakira k'umugoroba w'uyu munsi, mu gihe twubitse imitwe yacu?

Ibitega bitobotse, biva, isi nayo ibyinjiramo, umwanda w'ibizenga kandi byo mubindi bihe. Kubera iki mutafata iliba lidashobora kubika iyo myanda yose, iryo liba rinini ryuzuye amaraso yo mu mitsi ya Emanweli? Kuberiki Atari ryo mwakwakira kumugoroba w'uyu munsi? Imana ibafashe cyane kuri uyu mugoroba, mu butaka bukayutse buzira amazi. Nk'uko umuhanuzi yabivuze: "Niwe rutare mu butaka bukayutse." Ni We iyo soko. Ese mu mitima yanyu, ntimushaka kumusanga kuri uyu mugoroba, mu gihe dusenga?

85 Data wo mwijuru, nta yindi soko iriho, nkuko indirimbo ibivuga: "Ntayindi soko na busa nzi, uretse gusa amarararaso ya Yesu." Aho niho navukiye, aho niho narerewe; nshaka kuba yo, no gupfira yo, no kuzukira yo, imbere y'amaso Ye. Iteka, Mwami, mpore imbere y'amaso Ye, kuko nta wundi nzi na busa. Nta mihango , nta rukundo; nta rundi rukundo uretse urwa Kristo, nta wundi muhango nzi uretse Kristo, nta kindi gitabo uretse Bibiliya, nta kindi na busa, nta wundi munezero uretse uwo dusanga muri We. Bawunyambura, o Mana, nubwo naba ntunze ibimeze bite kuri iyi si, na none rwaba ari urupfu, na kwangara, nta ntego, nikoreye amaboko. Bawunyambuye, naba ndi muntu isi ishiriyeho, Mwami. Ariko naba muri njye, kandi noneho turi neza neza mu kwezi kwa cumi n'abili kimwe no mu kwa gatanu, nta hantu na hamwe hashyushye kandi nta nahantu nahamwe hakonje, urupfu ubwarwo ntirufite kunesha. Tumugire, We, Data. Mutange wese, ku bizera bose hano kuri uyu mugoroba, kuko bagumye hano muri iki cyumba bategereje.

Benshi muribo bagomba gufata urugendo kuri uyu mugoroba, kugirango basubire mu ngo zabo; reka iki kibe ikingenzi mu bitekerezo byabo: "Ntuye kuri iyo soko. Niho ntuye, nywa amazi afutse, buri saha."

Kandi niba batari bamugira, wamwakire muri kano kanya, kugira ngo yongere ajyane nabo ku isoko. "nzaba herekeza, nzabana namwe kugeza ku mpera z'isi." Ibyo bikore, Data.

86 Noneho mu gihe tucyubitse imitwe yacu, ese haba hari uwaba kuri uyu mugoroba, cyangwa, nibangahe bavuga bati: "Mwami, njyana kuri ririya liba muri aka kanya. Niba naje, ntabwo gusa ari kubwo kumva, ahubwo naje kugira ngo ngire icyo mbona. Naje hano kugira ngo nkubone, mwami. Ndagukeneye, kuri uyu mugoroba. Ngwino muri aka kanya mu mutima wanjye. Ese urashaka kubikora, Mwami?" Imana ibahe umugisha. Umwami ahe umugisha buri wese.

87 Data witegereje ibiganza, barahagaze aho hose ku nkuta, ndetse no mu bindi byumba, aho hanze. Wa-wababonye, Data. Nda-ndagusabye ngo usubize ibyifuzo byabo. Byashoboka ka baba baranywereye ku bitega bishaje, Mwami, ni uruhavu ruto umuntu yacukuye ku nzira maze ruragenda rwandura inyigisho mbi zidatunganye, zihakana Ijambo. Ndagusabye, Data, ngo uyu munsi baze kuri We, ari We iyo soko, iyo soko y'ubugingo. Bikore Data, ndabakweguriye muri aka kanya, mu Izina rya Yesu

Kandi warambwiye iti: "nusaba ikintu icyo aricyo cyose mu izina ryanjye, icyo kintu kizakorwa." Nyamara, si nagisaba, Mwami, niba ntasi ko icyo kintu kuzaba. Na -nabisubiramo nk'uwabigize akamenyero. Ariko ndabasabiye, n'umutima wanjye wose. Ndabasabiye, nizeye ko uzatanga ibyo wasezeranije.

Kandi noneho, mbavanye muri iri riba, uyu mugoroba. Mbajyanye kure yahantu banyweraga, aho batanyuzwe ni ryo riba, Mbikoze mu Izina rya Yesu Kirisito.

88 Ni abawe Mwami. Bakunywereho, amazi afutse, iriba ry'amazi afutse. Mu Izina rya Yesu, ndabisabye. Amina. Biduhe Mwami.

N'iki cyankica ibyaha?

N'amaraso yawe yesu.

Ni iki cyanyeza rwose?

N'amaraso yawe, Yesu

Ntayindi soko nzi,

Amaraso ya Yesu

Ni iki cyankiza ibyaha?

Amaraso ya Yesu.

Ni iki cyanyeza?

Amaraso ya Yesu.

Oh,...................

Yesu kibaza bakize, Mwami! Biduhe Mwami, kubw'Izina rya Yesus, ndasenze, Mana, ngo ube utyo.

Uzi byose,

Ntayindi soko nzi,

Yoo, Amaraso ya Yesu gusa.

Mubitekerezeho! Ntayindi soko nzi. Nta kindi nzi atari We. Nta kindi nshaka kumenya atari We. Rien que le sang de Jésus.

Yoo, amaraso y'agaciro.

Biranyeza nk'urubura;

Nta yindi soko nzi.

Yoo, amaraso ya Yesu gusa.

89 Mu gihe tukiririmba na none, dusuhuzanye bamwe ku bandi. Ese murakundana bamwe ku bandi? Ese hari ufite icyo apfa na mugenzi we? Niba ahari, nagende bikiranure. Murabishaka? Ntituvire hano ubusa. Murareba? Niba ufite ikibazo na mugenzi wawe, genda nonaha mutunganye. Aya niyo mahirwe yawe yo kujya kureba uwo muntu, maze ukamubwira uti: "mwene Data, mushiki wanjye, nakuvuze nabi, hari icyo natekereje. Sinifuzaga kubikora. Mbabarira." Murareba, Uko niko mugomba kubigenza. Reka tugire isoko ikomeza hagati yacu, murabona?

Ntacyampa gukira,

nk'amaraso yawe Yesu.

Oh ayo maraso ye

niyo amboneza rwose:

ntacyampa gukira,

nk'amaraso yawe Yesu.

Oh, irahebuje, sibyo? Nta yindi soko! Ntabwo tuziyandurisha iyindi soko. Twaritandukanije, isi twayisize inyuma yacu. Ntabwo tugikeneye ibitunguru ndetse n'ibitega bitobotse byo mu Egiputa. Turi mu rugendo hamwe n'Umwami Yesu, We Rutare rwakubiswe, amina, turya manu ivuye mw'ijuru, kandi tukanywa; turya ibyo kurya by'abamalayika, kandi tukanywera k'urutare. Amina!

ntacyampa gukira,

nk'amaraso yawe Yesu.

Noneho twunamishe umutwe.

90 Dusenga kugira ngo Imana ibahe umugisha mwishi kugira ngo ubuntu bwe n'imbabazi ze bizabane na mwe muri iki cyumweru gitaha, kandi hagize ikiba, umwe muri mwe, azajye hirya y'urusika, mwibuke ko 'ryama kandi uruhuke kugeza ubwo tuzahura. Mwibuke ko abazaba bakiriho batazabangamira abazaba basinziriye, igihe impanda y'Imana izavuga. Iyo mpanda yanyuma (iya gatandatu imaze kuvuga) kandi iyo mpanda yanyuma nk'ikimenyetso cya nyuma, izaba ari ukuza k'Umwami; izavuga, maze abapfiriye muri Kirisito bazuke mbere. Baruhutse kugeza icyo gihe.

Kandi ngo nibabasitaza, ni mwibuke:

Ambara izina rya Yesu,

Nk'ingabo y'imbaraga igukingira,

Kandi ibigeragezo nibiza,

Ambaza iryo Zina ryera mu masengesho.

Amadayimoni azahunga. Mubitekerezeho! nta yindi soko nzi. Nta kindi nzi atari we.

Nta kindi nshaka kumenya atari We. Amaraso ya Yesu gusa.

Oh, Amaraso y'agaciro.

Aranyeza nk'urubura;

Nta yindi soko nzi.

Kandi ngo nibabasitaza, ni mwibuke:

Ambara izina rya Yesu,

Nk'ingabo y'imbaraga igukingira,

Kandi ibigeragezo nibiza,

Ambaza iryo Zina ryera mu masengesho.(amadayimoni azahunga)

Zina ryiza, zina ryiza, zina rituje!

Byiringiro by'isi, munezero w'ijuru;

Zina ryiza, zina rituje!

Byiringiro by'isi, munezero w'ijuru.

Dupfukama mu Izina rya Yesu,

Twunama dupfukama ku birenge bye,

Mu ijuru, tuzamwambika ikamba Umwami w'abami,

Urugendo rwacu ni rurangira.

Izina ry'agaciro (Izina ry'agaaciro, si byo se,

nti rituje kandi ry'agaciro?)

Byiringiro by'isi, munezero w'ijuru.

Izina ry'agaciro (Izina ry'agaciro)

Yoo mbega ukuntu rituje! (Yoo mbega ukuntu rituje!)

Byiringiro by'isi, munezero w'ijuru.

91 Iteka birangora gutandukana namwe. Nubwo nziko murimo kugenda mucika intege, ariko hari ikintu, mu by'ukuri… tugiye… na none ndabona ibintu bibili, murabishaka? [Iteraniro riti: Amina. -U.I.] murabishaka? Hashimwe iryo sano, mushiki wacu. Ni bangahe bazi iyo ndirimbo? Twarayiririmbaga hashize imyaka myinshi.

Kandi nari ndimo gutekereza, kuri uyu mugoroba, "ibiganza bibili, nibyo bisiga amagana", iyo baririmbaga iyo ndirimbo, hose mu nsengero, basuhuzanya mu kiganza. Hahimbazwe iryo sano. Naririmbishije umubare munini, hano neza, ku irimbi. Barategereje. Nzongera kubabona. Ndababona, rimwe na rimwe, mu mayerekwa, iyo nitegereje hakurya y'urusika. Bariyo. Noneho twunamishe umutwe, mu gihe turirimba.

Habwa umugisha ikiduhuza

Imitima yacu mu rukundo rwa gikirisito

Gusabana kw'imitima y'abavandimwe

Ese n'ink'ibyo haruguru.

Ubwo twe (rero, mufatane mu biganza)

(Rero, mwunamishe umutwe.)

Ibyo biratubabaza imbere;

Ariko tuzongera kuba umwe mu mitima yacu

Kandi niringira kongera kwibona.

N'imitwe yacu yunamye, nshubije itoeraniro umushumba noneho, ngo arangizanye ishengesho.

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwirizwa bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7